
GOD
remembers
His Covenant
Imana yibuka
Isezerano
ryayo

**Iyi shusho yafatiwe mu gisate cy'imisozi cyitwa Grand Canyon (mu gihugu cya Amerika) yerekana umukororombya mu buryo butangaje. Ibi bitwibutsa ibigomba kuba byavuzwe mu byanditswe byera bikurikira bivuga iby'Isezerano n'umukororombya. Mana turakwinginze, ibuka indagano yawe n'amasezerano yawe !**

***« Nuko Imana iravuga iti: Iki ni cyo kimenyetso cy'Isezerano nsezeranye namwe n'ibifite ubugingo byose biri kumwe namwe, kugeza ibihe byose: nshyize umuheto wanjye mu gicu, niwo mukororombya, uzaba ikimenyetso cy'Isezerano ryanjye n'isi» (Itang 9:12-13).***

***« Imana yumfa umuniho wabo, yibuka Isezerano ryayo yasezeranye na Aburahamu na Isaka na Yakobo » (Kuva 2:24).***

***« Munteranirizeho abakunzi banjye, basezeranishije nanjye isezerano igitambo ! Ijuru rizatangaza gukiranuka kwayo, kuko Imana ubwayo ari yo Mucamanza ! » (Zaburi 50:5-6).***

***« Imisozi izavaho, n'udusozi tuzakurwaho, ariko imbabazi zanjye ntizizakurwaho, kandi n'isezerano ry'amahoro nagusezeranije ntirizakurwaho. Ni ko Uwiteka ukugirira ibambe avuga » (Yesaya 54:10)***

***« Uko umukororombya uba ku gicu ku munsi w'imvara uba umeze, ni ko kurabagirana kwari kuyigose kwasaga: Ibyo byari igishushanyo cy'ubwiza bw'Uwiteka. Nuko mbibonye ngwa nubamye, nuko numva ijwi ry'uvuga » (Ezekiyeri 1: 28).***

***« Uko niko yerekanye imbabazi igirira ba sogokuruza, kandi yibutse Isezerano ryayo ryera… » (Luka 1:72).***

***« Kuko aya ari amaraso yanjye y'Isezerano rishya, ava ku bwa benshi ngo bababarirwe ibyaha… » (Matayo 26:28).***

***« Nuko arababwira ati: aya ni amaraso yanjye y'isezerano rishya ava ku bwa benshi… » (Mariko 14:24).***

***« Muri ako kanya mba mu mwuka. Nuko mbona intebe y'ubwami iteretswe mu ijuru, mbona n'uyicayeho. Uwari uyicayeho yasaga n'ibuye ryitwa yasipi n'iryitwa sarudiyo, kandi umukororombya wari ugose iyo ntebe usa na simaragido » (Ibyahishuwe 4:2-3).***

***« Mbona marayika wundi ukomeye amanuka ava mu ijuru yambaye igicu ; umukororombya uri ku mutwe we, mu maso he hasaga n'izuba, ibirenge bye bisa n'inkingi z'umuriro » (Ibyah.10:1).***

**Imana yibuka Isezerano ryayo no mu gihe cyacu. Turi ubwoko bw'Isezerano rishya.**

**« Yesu Kristo ntahinduka, uko yari ejo na nubu niko ari kandi niko azahora iteka ryose »** (Abaheb.13:8)

# URWANDIKO MBWIRWA BENSHI Mata 2009

Ndasuhuza by'umwihariko benedata na bashiki banjye bakundwa muri Kristo, mu bihugu byose binyuranye, nkoresheje aya magambo yo mu Baroma 1: 1-5:

*« Pawuro, imbata ya Yesu Kristo wahamagariwe kuba intumwa, kandi watoranirijwe ubutumwa bwiza bw'Imana, ubwo yasezeranije cyera mu kanwa k'abahanuzi bayo mu byanditswe byera, … ni we waduhesheje igikundiro no kuba intumwa ku bw'izina rye, kugira ngo mu mahanga yose habemo abunvira Imana babiheshwa no kwizizera »*

Mbega amagambo yimbitse intumwa yatangije urwandiko rwayo rwa mbere ! Kubw'ubuntu yarahamagawe ahabwa kuba intumwa kugira ngo binyuze mu bukozi bwe abizera bo mu mahanga yose bahindurwe bunvire kwizera kubw'icyubahiro cy'Imana. Ibyo ntabwo byatewe no kubwiriza ubutumwa ubwo ari bwo bwose, ahubwo byatewe no kubwiriza ubutumwa bwiza bw'Imana nk'uko byari byarahanuwe n'abahanuzi bayo mu byanditswe byera mu Isezerano rya cyera. Ubwo butumwa bwiza bw'iteka ryose bushingiye ku byanditswe byera byonyine, nibwo natwe ubu tubwiriza. Intumwa Pawuro yari azi neza uburemere bw'inshingano zijyanye n'umuhamagaro yahamagawe n'imana, bituma ubuzima bwe bwose abuharira umurimo yahawe n'Imana. N'ubu niko bimeze ku mukozi wese w'Imana nyakuri wihamagariwe na yo.

Pawuro atanga ubuhamya bukurikira mu Baroma 15: 17-18: « Nicyo gituma niyogeza mu murimo nkorera Imana muri Yesu Kristo. Sinzatinyuka kugira icyo mvuga, keretse icyo nakoreshejwe na Kristo kugira ngo abanyamahanga bumvire Imana … »

Uhereye no mu Isezerano rya cyera, kwizera no kumvira Imana nibyo bintu bibiri byari bikomeye kuruta ibindi mu bwoko bw'Isirayeri (Abaheb.11):

Kubwo **kwizera**, Isirayeri yashoboye kuzungura igihugu cy'isezerano.

Kubwo **kwunvira**, baherewe umugisha mu gihugu cy'isezerano

Ariko ku bwo kutumvira kwabo, bajyanywe mu buretwa i Babuloni.

*« Nyamara banze kukumvira, barakugomera, birenza amategeko yawe, bica abahanuzi bawe babihanangirizaga kukugarukira, bagukorera ibyo kukurakaza bikomeye » (Nehemiya 9:26).*

« *Abantu bawe bera bahategetse igihe gito gusa, abanzi bacu bakuribatiye ubuturo bwawe bwera* » (Yesaya 63:18)

Itorero rya mbere ryahawe amasezerano yose kubwo kwizera, ikibabaje ni uko ryamaze gusa igihe gito muri iyo mibereho y'umugisha. Kubera kutumvira, byatumye abizera batatanywa mu madini menshi.

Noneho kwizera kw'umwimerere no kwumvira kwuzuye bifitiye agaciro gakomeye cyane buri muntu wese wo mu Itorero ryo mu Isezerano rishya. « *Nuko benedata* m*wirinde hatagira uwo muri mwe ugira umutima mubi utizera, umutera kwimūra Imana nzima* » (Abaheb. 3:12). Koko kutizera niko kwimūra Imana nzima. Kwizera niko kwonyine kuduhuza nayo kukaduhesha kwumvira kandi kukabyara urukundo rwa kivandimwe ruzira uburyarya hagati y'abizera nk'uko intumwa Petero yanditse: « *Nuko rero ubwo mwiyejesheje imitima kumvira ukuri kugira ngo mubone uko mukunda benedata mutaryarya, mukundane cyane mu mitama yanyu* » (I Petero 1:22).

Nk'uko byabaye kuri Isirayeri, ntabwo Imana ishobora na hato kwihanganira kutizera no kutumvira mu Itorero ryayo ryo mu banyamahanga.

Aburahamu se w'abizera ni urugero kuri Isirayeri n'Itorero na buri wese wizera. Yizeye Imana (Abaroma 4:3) kugeza ubwo yabonye gusohora kw'ibyo Imana yamusezeranije. Ku bwo kumvira kwuzuye, hageze aho yari agiye gutamba umwana we Isaka nk'igitambo cyoswa. Intumwa yakobo ahuza kwizera, kumvira n'imirimo mu magambo akurikira: « *wa muntu w'imburamumaro we ntuzi yuko kwizera kutagira imirimo ari impfabusa ? Mbese sogokuruza Aburahamu ntiyatsindishirijwe n'imirimo ubwo yatangaga Isaka umwana we kugira ngo atambwe ku gicaniro ? Ubonye yuko kwizera kwe kwatunganijwe rwose n'imirimo ye..* » (Yakobo 2:20-22). Yesu Kristo Umwana wasezeranijwe, yarumviye kugeza ku gupfa ku musaraba (Abafilipi 2:7-8).

« *Kandi amaze gutunganwa rwose, abera <u>abamwumvira bose</u> umuhesha w'agakiza kadashira…* » (Abaheb.5:9). Uko niko bigomba kumera ku bahungu n'abakobwa b'Imana bose babambanywe kandi bakazukanira na Kristo kugira bahabwe ubugingo bushya. Hamwe na Pawuro, nabo bashobora gutanga ubuhamya bakavuga bati:

*« … nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho ahubwo ni Kristo uriho muri jye … »* (Abagaratiya 2:20).

Uko umunsi utashye niko ibyiringiro byacu byiyongera byo kuzagira uruhare mu kugaruka kwasezeranijwe kwa Yesu Kristo. Ubu ku iherezo ry'igihe cy'ubuntu abizera nyakuri bahamagariwe gusohoka mu mahanga yose, bagomba gusohoka mu bintu byose bidahuje n'Imana, n'Ijambo ryayo cyangwa n'ubushake bwayo. Ni bwo buryo bumwe gusa bwo kuba «Umugeni Jambo » – wagenewe guhura n'Umukwe – ntabwo ari « Umugeni – butumwa bw'igihe », kuko hari ibice binyuranye mu butumwa bw'igihe kandi byose byiyita Umugeni. Umwe gusa niwe witwa « Jambo ry'Imana » (Ibyah.19:13) kandi Umugeni w'Umwana w'Intama nawe ni umwe gusa, ariwe uzahinduka umugore we nyuma y'ibirori by'ubukwe: « *Ngwino nkwereke Umugeni, Umugore w'Umwana w'Intama* » (Ibyah. 21:9). Hariho Itorero-Mugeni rimwe gusa rifite Izina rye kandi ryagenewe gusohorezwaho buri sezerano riri mu Ijambo ry'Imana. Ryo rigaruka ku Ijambo ryariho mu itangiriro ry'itorero no ku rukundo rwa mbere, kandi rizaba umutima umwe n'ubugingo bumwe nk'uko byari bimeze mu itangiriro.

*« Bakundwa, dukundane kuko urukundo ruva ku Mana. Umuntu wese ukunda yabyawe n'Imana kandi azi Imana. Udakundana ntazi Imana kuko Imana ari Urukundo ».*

*« Uhereye kera kose ntihigeze kubaho umuntu wabonye Imana, nyamara nidukundana Imana iguma muri twe, urukundo rwayo rugatunganirizwa muri twe rwose »* (I Yohana 4:7-8+12).

## ESE IBIRIMO KUBA MURI IKI GIHE CYACU NI IBIKI ?

Intumwa Petero mu gihe cye yasobanuye mu kibwirizwa cye cya kabiri ko ijuru rigomba kwakira Umucunguzi kugeza ubwo ibintu byose bizatunganywa, nk'Uko Imana yabivugiye cyera mu kanwa k'abahanuzi bayo bera (Ibyakozwe 3:19-21). Ijambo « Apokatastasis » ryo mu kigiriki ryakoreshejwe risobanura « gusubiza ikintu uko cyahoze mbere ». Mu Itorero rya Yesu Kristo ibintu byose bigomba gusubizwa uko byahoze mbere y'uko Kristo agaruka. Umwami ubwe yabisezeranije muri Matayo 17:11 no muri Mariko 9:12: « *Eliya azabanza kuza atunganye byose* ». Ibyo ni byo birimo kuba ubu mbere y'uko Umukwe aza kujyana Umugeni mu rugo.

Nyuma y'ibwirizwa ry'Ubutumwa bwa nyuma (Maraki 4), bwo nteguza yo kuza kwa kabiri kwa Kristo, Umwami ubu aratuma abagaragu be gutanga ubutumire bwo gutaha ubukwe: *« Mubwire abatumirwa muti: Dore nateguye ibirori … byose byateguwe »* (Matayo 22:1-14). Abatumiwe

nibo bagomba kwihitiramo, niba bashakisha urwitwazo cyangwa bakitabira ubutumure. Matayo 24 45-47 ivuga umugaragu wiringirwa kandi w'ubwenge, uwo Umwami yashinze abantu bo mu rugo rwe kugira ngo abahe ifunguro ry'umwuka mu gihe gikwiriye mbere y'uko Umukwe aza. Ibi bishaka kuvuga ko ku bacunguwe ubushake bw'Imana bugomba kuba buzima mu bugingo bwabo nk'uko byabanje kuba ku Mucunguzi: « *Ibyokurya byanjye ni ugukora ibyo uwantumye ashaka no kurangiza umurimo we* » (Yohana 4:34). Ubu dutegereje isozwa ry'umurimo w'Imana wo gucungura Itorero; niyo mpamva ibyokurya byacu by'umwuka bigomba kuba bihuje n'ubushake bw'Imana, ni cyo cyonyine kizatuma ibi byanditswe bisohora muri twe: « *Uko gushaka kw'Imana niko kwatumye twezwa, tubiheshejwe n'uko umubiri wa Yesu watambwe rimwe gusa ngo bibe bihagije iteka … Kuko abezwa yabatunganishije rwose igitambo kimwe kugeza iteka ryose»* (Abah.10:10-14).

Muri Matayo 24:48-51, hari urugero rw'umukozi w'umugome wibwira mu mutima we ati: « *Databuja atinze kuza…* » agatangira gukubita bagenzi be. Umugaragu w'ubwenge we aha Itorero Ijambo ry'Imana, ibyokurya by'umwuka, manu yahishwe, kandi abiba imbuto nziza igaragarira mu bahungu n'abakobwa b'Imana. Umugaragu w'umugome we abiba insobanuro ze bwite zitera amacakubiri, agakubita abandi bakozi bose batumfa ibintu kimwe nawe. Buri mukozi utarahamagawe n'Imana ubwayo, bimukomerera kwemera ko abandi barihamagawe n'Imana ubwayo. Iyo umuhamagaro ufitanye isano n'umugambi w'agakiza, abagenewe ubugingo isi itararemwa nibo bonyine bashobora kubyizera (Abefeso 1:1-5). Byaba mu gihe cy'abahanuzi cyangwa mu gihe cy'Umwami wacu cyangwa hanyuma mu gihe cy'intumwa ze, ab'Imana bonyine nibo bashoboye kumva no kwizera Ijambo ry'Imana (Yohana 8:47). Mu gihe abandi babyamaganye. N'uyu munsi niko biri. Nyamara ku bijyanye n'umuhamagaro, agaciro k'iri jambo gahoraho: « *Ubumvira ni jye aba yumviye, kandi ubanga ni jye aba yanze, kandi unyanga aba yanze n'uwantumye* » (Luka 10:16).

Ijwi rirangurura ryo mu gicuku ryo muri Matayo 25 rivuga riti: « *Dore Umukwe araje, mujye kumusanganira !* » nuko abari b'abanyabwenge « *…bari biteguye binjirana nawe mu nzu y'ubukwe, nuko urugi rurakingwa* ». Iri niryo somo rikomeye kuruta ayandi ku bijyanye no kugaruka kwa Kristo: tubona ko bivuga ko kw'iherezo abari b'abanyabwenge aribo bonyinye bazagera ku ntego nyamukuru ya nyuma.

Umwari Maria yatoranijwe n'Imana kugira ngo Umucunguzi ashobore kuza mu isi, nk'uko itorero ryagenewe kwakira imbuto y'Imana kugira ngo Kristo ashobore kugaragarira mu bacunguwe bose (Abakolos.3:1-4).

Ikigamijwe ni ugusohora kw'umugambi w'agakiza w'Imana uzasozwa no kugaruka kwa Kristo. Icyo gihe nibwo Ijambo ryo mu Bakorinto ba mbere 15 rizasohora, ubwo imibiri yacu ipfa izahindurwa ikambara kudapfa: « *Nkuko twambaye ishusho y'uw'isi ni ko tuzambara ishusho y'uw'ijuru* » (umurongo wa 49).

Hari amagambo abiri yavuzwe kuri Mariya muri Luka igice cya mbere akomeye cyane: « *…sinigeze umugabo…* » na « *ndi umuja w'Umwami Mana, ngiririrwe ibyo uvuze* ! ». Mariya yagiriwe ubuntu n'Imana bwo kwakira Ijambo ryayo yazaniwe na marayika Gaburiyeri (umurongo wa 30) kugira ngo Ijambo rishobore kwambara umubiri maze Umwana w'Imana avuke. Ubuhanuzi bukurikira nibwo bwasohoye icyo gihe:

Imbuto y'Imana yagombaga kuza binyuze mu mugore (Itang. 3:15). « *None se amategeko yazanywe n'iki ? Yategetswe hanyuma ku bw'ibicumuro, kugeza aho urubyaro ruzazira, urwo byasezeranijwe…* » (Abagalat.3:19).

« *Nzamubera se, nawe azambera umwana* » (2 Sam. 7:14)." *Kandi nzamubera se, nawe azambera umwana…* » (Abaheb. 1:5b)

« *Uri umwana wanjye, uyu munsi ndakubyaye?* » (Abaheb. 1:5a). "*Ese ni uwuhe marayika Imana yigeze ibwira iti: uri Umwana wanjye, ndakubyaye uyu munsi* ?" (Abaheb. 1:5a)

Muri uko kubyara kwari igikorwa cyo kurema, imbuto y'Imana yashyizwe muri Mariya, uko niko Umwana w'ikinege w'Imana yabyawe (Yohana 3:16), umwana w'impfura muri bene se benshi (abarom. 8:29), itangiriro ryo kurema gushya kw'Imana (Ibyah. 3:14) kandi n'uwambere mu byaremwe byose (Abakolos. 1:14-15). Iyo umuntu ari muri Kristo, aba ari ikiremwa gishya (2 Abakorinto 5:17).

Ibyanditswe bikurikira nabyo byarasohoye: « *wansohoye mu nda ya mama…* » (Zaburi 22:10) ; « *we azanyambaza ati Uri Data, uri Imana yanjye n'urutare rw'agakiza kanjye ! Nanjye nzamugire umwana w'impfura, usumba abami bose bo ku isi* » (Zaburi 89:27-28). Dore uko ibyo kuza kwa mbere kwa Kristo byavuzwe n'Umwami amaze kuzuka mu magambo make: *« Nuko arababwira ati: ibi ni byo nababwiraga ubwo nari nkiri kumwe namwe, yuko ibyanyanditsweho byose mu mategeko ya Mose, mu bahanuzi no muri Zaburi bigomba gusohora. Nuko abungura ubwenge kugira ngo basobanukirwe ibyanditswe »* (Luka 24:44-45).

<u>Ese uyu munsi ho bimeze bite</u> ? Ubu na none, ibyasezeranijwe ko bigomba kuba mu gihe cyacu birimo gusohora. Binyuze muri Mariya no mu Mucunguzi ubwe, ubuhanuzi bwose bwo mu Isezerano rya cyera bwarasohoye. Binyuze mu bari b'abanyabwenge no mu Mucunguzi ubwe, ubu-

hanuzi bwo mu byanditswe byera bijyanye n'igihe cyacu burimo nabwo gusohora. Nk'uko byababaye kuri mariya mu gihe cye, natwe twemera ku bushake isezerano tukavuga tuti: « *…bingiririrwe nk'uko uvuze* » (Luka 1:38). Amaze kuvuga ati: « *nta mugabo nigeze…* », marayika yaramusobanuriye ati: *« Umwuka wera azakuzaho kandi imbaraga z'Isumba byose zizagutwikiriza igicucu cye. Niyo mpamva umwana wera uzakuvukaho azitwa Umwana w'Imana* » (Luka 1:34-35).

Nk'uko Mariya yakiriye Ijambo ry 'isezerano mu kwizera Umwuka wera akamuzaho, ni ko n'abizera nyakuri bakirana ukwizera kw'umwimerere Ijambo ry'isezerano ry'igihe cyacu bakuzuzwa Umwuka wera.

Twahawe amasezerano ahebuje kuruta ibindi bihe byose byatubanjirije, azadusohorerahoo ubwo umwana w'umuhungu, umukumbi w'abanesheje, mu gihe cy'uburibwe bwo kuramukwa, azagaragarira mu itorero, maze mu gihe gihebuje ajyanwe ku Mana no ku ntebe yayo y'ubwami.

## ABABYAWE N'IMANA KANDI BASANGIYE KAMERE N'IMANA (2 Petero 1:3-11)

*« Urubyaro rwe ruzamukorera…»* (Zaburi 22:30 ; Yesaya 53:10 ; n'ahandi) kandi ruhabwa kamere y'Imana (2Petero 1:3-7). Ababyawe n'Imana bose kandi bavutse ubwa kabiri nk'abahungu n'abakobwa b'Imana, bafite kamere y'imana kimwe n'Umwana w'Imana. Ijambo « gennao » ryo mu rurimi rw'ikigiriki niryo rikoreshwa iyo havugwa « kubyara kw'umugabo » cyangwa « kubyara kw'umugore », kandi rikoreshwa kimwe iyo havugwa Umwana w'Imana cyangwa abahungu n'abakobwa b'Imana. Mu gihe rikoreshejwe ku mugabo risobanura « kubyara umwana nka se » (cyangwa gukomoka kuri), urugero nko mu Itangiriro 5 havugwa inshuro nyinshi: « *Adamu afite imyaka ijana na mirongo itatu, abyara umwana w'umuhungu…Seti, afite imyaka ijana n'itanu, abyara Enosi…* ». iyo rikoreshejwe havugwa umugore, risobanura « kubyara umwana nka nyina ». « *Adamu atwika umugore we inda, nuko* <u>*abyara*</u> *…* » (Itang.4:1). Kuri Mariya dusoma: (*…nuko* <u>*abyara*</u> *umwana we w'impfura* » (Luka 2:7).

Intumwa Yohana yanditse ku buryo burambuye kuri iyo ngingo (Yoh.3:7 ; 1Yoh.3:9 ; 1Yoh.5:1 ; 1Yoh. 5:18 ; n'ahandi). Birazwi neza ko buri kuvuka kubanzirizwa no gusama, kandi ko imbuto igaragaza ubugingo bwayo mu ivuka. « *niba muzi ko Imana ikiranuka, mumenye ko ukora ibyo gukiranuka wese aba yarabyawe nayo (yakomotse kuri yo)* » (1Yoh.2:29). « *Uwabyawe n'Imana (ukomoka ku Mana) ntabwo akora ibyaha kuko imbuto yayo iguma muri we kandi ntashobora gucumura kuko kuko yabyawe*

*na (yakomotse ku) Imana* » (1Yoh.3:9). « *Kuko uwabyawe na (uwakomotse ku) Imana anesha isi; kandi intsinzi inesha isi ni ukwizera kwacu* » (1Yoh.5:4).

Iyo turebye ibiba ku bari b'abanyabwenge, tubona ari cyo kimwe n'ibyabaye kuri Mariya: yakiriye isezerano araryizera, Umwuka wera uherako umuzaho, nuko Ijambo ryambarira umubiri muri we. Niko biba no kubagize Itorero-Umugeni. Bakirana kwizera Ijambo ryo mu gihe cyabo, Umwuka wera akabazaho, bigatuma imbuto y'Ijambo igaragara muri bo. Nabo bavuga nka Mariya bati: « *..bingiririrwe nk'uko uvuze*». Iby'abari b'abanyabwenge, nta muntu ugomba kubigiramo uruhare. Nabo nta mugabo bazi, nta mbuto y'inzaduka cyangwa inyigisho itari iya bibilia ibarangwamo. Abari b'abapfu nibo bemera inyigisho z'imburamumaro izo ari zo zose nko kuvuga ko hazabaho abagabo barindwi badasanzwe bazasoza umugeni, y'uko Umwami yaba yaraje n'ibindi nk'ibyo. Abari b'abanyabwenge bo nta nyigisho y'umuntu n'imwe bashobra kwihanganira. Bo ni umugeni w'Ijambo, niyo mpamvu badashobora gukora icyaha cy'ubusambanyi bw'umwuka. Bituma bakomeza gutungana kandi amasezerano y'Imana asohorera muri bo. Abana b'isezerano bizera Ijambo ry'isezerano kandi bahabwa Umwuka w'isezerano (Abaroma 9:8 ; abagalatiya 4:28 ; Abefeso 1:13).

Abari b'abamyabwenge ntabwo bafite amatabaza/umucyo gusa, bafite n'inzabya z'amavuta kugira ngo bakomeze kuzuza amatabaza yabo yekuzima. Ibyo bitwibutsa umuhanuzi Eliya woherejwe ku mupfakazi w'i Sereputa akamubwira ati: « *Uku niko Uwiteka Imana ya Isirayeri avuze, ntabwo ifu iri mu rwabya izabura kandi n'amavuta ari mu mperezo ntazagabanuka, <u>kugeza ubwo Uwiteka azagusha imvura ku butaka</u>* » (1 Abami: 17:14). Ifu irakenewe kugira ngo ikore umutsima naho amavuta akenewe kubw'itabaza. Dukomeje gusoma, tubona ko amagambo ye yasohoye: « *Ifu yari mu rwabya ntiyabuze, n'amavuta yari mu mperezo ntiyagabanutse, nk'uko Ijambo ry'Uwiteka ryabivugiye mu kanwa k'umuhanuzi Eliya* » (1 Abami 17:16). Nanone ibyo bintu uko ari bibiri tuzakomeza kubihabwa bihagije kugeza ubwo imvura ya nyuma izagwa (Yesaya 44:3; Yeremiya 5:24 ; Yakobo 5:7 ; n'ahandi). Mu kibwirizwa cyitwa «Ijambo rivuzwe ni ryo mbuto y'inkomoko», mwenedata Branham yaravuze ati: **«Igihe iyo ntumwa isizwe amavuta izazira, ntakabuza izabiba imbuto ya Bibiliya yose uko yakabaye, ihereye ku nzoka kugeza ku ntumwa mu gihe cy'imvura ya mbere...hanyuma mu mvura ya nyuma, hazabaho umusozi Karumeri, guhangana: Amagambo ya Bibiliya arimo gusohora uko yakabaye».**

Twizera ubutumwa bwa Eliya wo mugihe cyacu kandi tugaburira ubugingo bwacu ibiryo by'umwuka by'agaciro gakomeye. Abari b'abanyabwenge barimo kwuzuza amavuta imperezo zabo kugira ngo babone ayo bajya bashyira mu matabaza yabo. Ibyo bibatandukanya cyane n'abari b'abapfu bamaze kwitandukanya n'Itorero bityo bakaba baritandukanije n'ububiko bw'amavuta bufite umuyoboro ubuhuza n'igitereko cy'amatabaza (Zakaria 4:2 ; Ibyah. 1:3).

Ibyo ari byo byose intego nyamukuru ni ukwizera kuzira kudohora munsi y'ubuyobozi bw'Umwuka wera, no gusohorezwaho ibyo Imana yasezeranije mw'Ijambo ryayo. Ubwo nibwo aya magambo « *Uwizeye arahirwa, kuko ibyo yabwiwe bivuye ku Mwami bizasohora* » (Luka 1:45) azasohorera muri twe. Isezerano twahawe n'Imana rikubiyemo umuhamagaro wo gusohoka, gutandukanywa no kwezwa nk'uko byanditswe mu ba Korinto ba kabiri 6:14 – 7:1 no kugarura buri kintu cyose uko cyari mu mwimerere wacyo. Mu gihe abari b'abapfu bahugiye mu mpaka z'urudaca ku ngingo zinyuranye, amasezerano arimo gusohorezwa mu bari b'abanyabwenge.

Ku byerekeye itegurwa ryihariye rya buri muntu mu bagize Itoreromugeni, tugomba kuzirikana ko mu kanya ka nyuma kabanziriza ubukwe, nkuko bisanzwe ntabwo umugeni akomeza kwita ku bindi bimukikije. Ntabwo aba acyita ku bivugwa cyangwa bikorwa n'abamukikije, ahubwo aba ashishikajwe no kwitegura. Umuhanuzi Yeremya yaravuze ati: «*Ese umwari yibagirwa imitako ye cyangwa umugeni urukoba rwe ?*» (Yeremiya 2:32). Uko niko bimeze ku bagize Umugeni wa Yesu Kristo: baruhagirishwa amazi y'Ijambo ry'Imana (Abefeso 5:26) ; bahanze amaso mu ndorerwamo y'Ijambo ry'Imana (Yakobo 1:19-27) ; bazambikwa imyenda y'igitare ariyo mirimo yo gukiranuka y'abera (Ibyah.19:8) kandi baritegurira gusanganira Umukwe.

Intumwa Yakobo yatuburiye ikomeje ko tugomba kwitandukanya n'icyanduye cyose, tukakira n'umutima utuje Ijambo ryabibwe muri twe kandi rishobora gukiza ubugingo bwacu. Yongeyeho ati: « *Mushyire Ijambo mu bikorwa mureke kuba abumva gusa mwibeshya ubwanyu* ». Yakomeje hirya gato agira ati: « *kuko uwumva Ijambo ry'Imana ntarishyire mu bikorwa ameze nk'umuntu wireba mu ndorerwamo uko mu maso he hasa.* » Icyo tubwirwa ni uko kwireba mu ndorerwamo akanya gato gusa bidahagije: « *yamara kwireba akigendera akibagirwa uko yasaga* » (Yakobo 1:22-24).

Umwuka w'imana agaragaza ibitameze neza muri buri muntu ku giti cye. Yemeza icyaha, gukiranuka n'urubanza (Yohana 16:7-15) kandi

atuyobora mu kuri kwose no mu kumvira. Dushyira Ijambo ry'Imana mu bikorwa, bigatuma tugendana na yo mu bwumvikane nka Henoka, duhuje n'Ijambo n'ubushake byayo. Iyo dusomye mu Befeso 5:27 yuko Umwami ubwe azishyira Itorero rizira umugayo nta kizinga nta munkanyari, tugomba no gusoma ibindi byanditswe kugira ngo tumenye icyo buri muntu asabwa kugira ngo agire imibereho ishimisha Imana. Dawidi yarabajije ati: « *Ni nde uzazamuka ku musozi w'Uwiteka ? Ni nde uzagera mu buturo bwe bwera ? Ni ufite ibiganza bizira akarengane n'umutima uboneye, utagabiza ubugingo bwe ibinyoma kandi utarahirira kugira ngo abeshye* » (Zaburi 24: 3-4). Mu kibwirizwa cyo ku musozi, Umwami wacu yagize ati: « *hahirwa abafite imitima iboneye, kuko bazabona Imana* » (Mat. 5:8). Dawidi umugabo wagize ibigeragezo byinshi, yanditse ibi bikurikira ayobowe n'Umwuka wera: *« Ugendera mu gutungana rwose, agakora ibyo gukiranuka kandi akavugisha ukuri kuri mu mutima we. Ntabwo akoresha ururimi rwe kugira ngo abeshere abandi, ntagirira ikibi mugenzi we, nta n'ubwo atesha agaciro mugenzi we »* (Zab. 15:2-3).

Uwizera wese akwiye gusuzuma ubugingo bwe ashingiye ku byanditswe muri Bakorinto ba mbere 6:9-10, akareba niba nta bidakwiriye bikimurimo bishobora kumubuza kwinjira mu bwami bw'Imana. Ababeshera abandi bazaguma hanze, kimwe n'abasenga ibishushanyo n'abandi bose bavugwa muri ibyo byanditswe. Mu Bagaratiya 5:19-21 naho, intumwa Pawuro aduha urutonde rw'ibyo bintu byose. Ibyanditswe byose bijyanye n'ibyo bigomba gusembura igisubizo muri buri muntu, bitabaye bityo biba ari kwa kureba mu ndorerwamo akanya gato ubundi ibintu bigakomeza uko bisanzwe. Iyo twitaye ku mburo tubishyizeho umutima, ni bwo dushobora gusobanukirwa ibivugwa mu Baheburayo 12:14: « *Mwihatire kubana amahoro na bose no kwezwa, kuko utejejwe adashobora kubona Imana…* ». Ni ngombwa ko buri umwe muri twe asangwa agendera mu nzira ifunganye, mu kwizera kuzuye no mu kunvira. Uburiganya bw'umwanzi bubonekera mu bizera bashishikazwa no kwita ku byo abandi bakoze bavuga ko bidakwiriye. Byarushaho kutubera byiza dushishikajwe no kwisuzuma ubwacu, kugira ngo turebe ibigomba gukosorwa mu bugingo bwacu kugira ngo tuzashobore guhura n'Umwami, ndetse tukita no kuri iyi mburo igira iti: « *Ese har'isano ki hagati y'Urusengero rw'Imana n'ibishushanyo bisengwa ?… Ese umucyo na umwijima bihuriyehe ? Ese uwizera n'utizera bafitanye mugabane ki ?* » (2 Abakor. 6 14-18). Kandi tugomba gufata nk'itegeko ibyo Umwami yabwirije byose: « *…nti mugakore ku gihumanye cyose nanjye nzabakira. Nzababera So, namwe muzambera abahungu n'abakobwa, ni ko Uwiteka ushobora byose avuga* ». Intumwa Pawuro yongeye

kugaruka kur'ibi bintu fatizo akomeje aho yagize ati: *« Ubwo dufite amasezerano ameze atyo bakundwa, twiyeze imyanda yose yo ku mubiri no mu mutima, kandi kwezwa kwacu tugusojeshe gutinya Imana »* (2 Abakor.7:1).

Muri bisekuruza byose byatubanjirije, abahawe bose umugabane wo gutoranywa kubw'ubuntu (Abaroma 11:5) bunviye ibyo Umwuka yabwiraga amatorero (Ibyahish. 2+3) mugihe abandi bo binangiye (abaroma 11:7). Ubu twegereye cyane kugaruka kw'Umukwe, umuhamagaro wa nyuma wo gusohoka no kwitegura kw'Itorero-mugeni urimo kuba. Imana yakoze byose: yatwoherereje intumwa yayo, yaduhaye ubutumwa kandi irarushaho kutuyobora mu mucyo igihe cyose. Nyuma y'uko mu Byahishuwe 17 igikirisitu cyaguye kigereranywa na Baburoni maraya ukomeye, ihamagarwa rya nyuma ry'abizera nyakuri ryaranguruye mu Byahishuwe 18:4: « *Nuko numfa irindi jwi rivugira mu ijuru rigira riti: muyisohokemo bwoko bwanjye, kugira ngo mutagira uruhare ku byaha byayo, mukazafatanya nawo ibyago byawo* ». Uwo niwo muhamagaro wa nyuma abagize Umugeni-torero bagomba kwitabira mbere yo kugaruka kw'Umukwe. Ihamagarwa ryo gusohoka no kwitandukanya bigomba gukurikirwa no kugarurirwa byose. Uko niko kwiherezo ibintu byose bizasubira uko byahoze mw'itangiriro ry'Itorero ryo mu Isezerano rishya.

## KUGARUKA KWA KRISTO<br>NA UKUNDI KUZA KWE KUNYURANYE

« *Nyuma y'uko ngenda, nimara kubategurira ahanyu,* ***nzagaruka*** *mbajyane, kugira ngo aho ndi namwe ariho muzaba* » (Yohana 14:3).

Mwenedata Branham yakundaga kuvuga ati: **« Hariho kuza gutatu kunyuranye kwa Kristo: ubwambere yaje gucungura Umugeni we. Azagaruka ubwa kabiri igihe cyo kuzamurwa aje gutwara Umugeni we. Ubwa gatatu azaza nyuma y'ubukwe, azanye n'Umugeni we kwima hamwe nawe ingoma y'imyaka igihumbi »** (Ijambo ryatuwe niryo mbuto y'inkomoko / Spoken Word is the Original Seed).

Kuza kwa mbere kw'Umwami kwavuzweho bihagije mu Butumwa bwose uko ari bune, uhereye kuvuka kw'Umucunguzi wacu kugeza kuzamuka kwe asubira mu ijuru.

Muri matayo 25, Umwami wacu azaza nk'Umukwe azanywe no kujyana Umugeni we mu bwiza bwe: « *…abari biteguye binjirana nawe mu nzu y'ubukwe, nuko urugi rurakingwa* » (umurongo wa 25:10).

*« Reka mbamenere ibanga: ntituzapfa twese, ariko twese tuzahindurwa. Mu kanya gato nk'ako guhumbya kw'ijisho igihe cy'impanda ya*

*nyuma. Kuko impanda izavuga, abapfiriye muri Kristo bazuke bambaye kutabora, maze natwe duhindurwe »* (I Abakorinto 15:39-58).

Mu Batesalonika ba mbere 4, Intumwa Pawuro naho yavuze ku byo kugaruka kwa Yesu-Kristo mu buryo burambuye: « *ibi tubibabwiye ku bw'Ijambo ry'Imana: twe abazaba tukiri bazima ubwo Umwami azagaruka, ntabwo tuzabanziriza abasinziriye. Kuko Umwami ubwe n'ijwi rirenga ritegeka, n'ijwi rya marayika ukomeye hamwe n'impanda y'Imana, azamanuka ava mu ijuru, nuko abapfiriye muri Kristo babanze bazuke, maze natwe abazima tuzaba tukiriho tuzazamurwa hamwe nabo mu bicu tujye gusanganira Umwami mu kirere; Maze tubane n'Umwami iteka ryose.*» (umurongo 13-18)

Intumwa Yohana nawe yaranditse ati: « *Bakundwa, ubu turi abana b'Imana, ariko uko tuzamera ntikurahishurwa, ariko tuzi ko nagaruka tuzasa na we, kuko tuzamubona nk'uko ari* » (I Yohana 3:2). Kuza kw'Umwami kwose ni « Parusia » – bivuga ko aza yambaye mubiri.

Muri Batesalonika ba kabiri 2:1-2, Intumwa Pawuro yihanangiriza abizera agira ati: « *Ku bw'ibyo kugaruka kw'Umwami wacu n'uko tuzabana nawe, turabinginze benedata, ntimukemere guhungabanywa mu bwenge bwanyu cyangwa ngo muhagarikwe umutima n'iyerekwa runaka, cyangwa amagambo runaka, cyangwa inzandiko mwabwirwa ko aritwe ziturutseho…* »

Ingingo turiho ni iyo kugaruka kw'Umwami wacu mukundwa n'imburo duhabwa twese ku bijyanye no kuza kwe kwa kabiri: « *kuko abashukanyi benshi baje mu isi, abatatura ko Yesu-Kristo aza yambaye umubiri: uwo ni we mushukanyi na antikristo* » (2 Yohana 7). Nyuma y'iyo nteruro ikaze dusoma ibi: *urenga ibyo ntagume mu nyigisho ya Kristo, nta Mana afite. Ariko uguma muri iyo nyigisho afite Data n'Umwana* » (umurongo wa 9).

Guhakana ko Umwami n'Umucunguzi wacu azagaruka yambaye umubiri, ni bwo buyobe bukabije bushyirwa ku rwego rumwe na antikristo ; niyo mpamvu iryo jambo riherako rikurikirwa n'imburo: « *Umuntu n'aza atabazaniye iyi nyigisho, ntimukamwakire mu nzu yanyu, ntimukamuramutse* ! » (umurongo wa 10) Mugenzure imyuka, mugenzure abigisha hamwe n'inyigisho zabo.

Dore uko mwenedata Branham yabivuze: **« Ubu dutegereje kugaruka kw'Umwami mu gisekuruza cyacu…, kugaruka kw'Umwami wacu yambaye umubiri, aje gutwara ubwoko bwe bwambaye umubiri, bwahawe**

**ubwiza n'amaraso ye yeza »** (Ubumwe butagaragara bw'Umugeni wa Kristo, 25/11/1965).

Uhakana ko Yesu-Kristo azagaruka yambaye umubiri ni uko aba agengwa n'umwuka wa antikristo. Kimwe n'abavuga ko kugaruka kwa Kristo kwa kabiri ari ukwo mu mwuka, cyangwa abavuga ko yamaze kuza. Bahumishijwe n'ubwibone bwabo, ku buryo bishyira hejuru y'Ijambo ry'Imana. Ubwo Yesu Kristo azagaruka, byose bizasohora nk'uko byanditswe kandi byavuzwe: « … *Uyu Yesu wabakuwemo akajyanwa mu ijuru, azagaruka nk'uko mwamubonye agenda ajya mu ijuru* » (Luka 24:50-51, Ibyakozwe 1:11). Tugomba kwubaha ibi byanditswe kuko ari UKO UWITEKA AVUZE mu Ijambo rye.

Kimwe n'uko ibyanditswe byose bivuga ku kugaraka kunyuranye kw'Umwami kudafitanye isano n'Itorero cyangwa kuzamurwa kwaryo, bigomba kurekerwa aho biri. Tuzi neza ko kugaruka kw'Umwami wacu aje kuzamura Itorero bizaba mbere y'ibihe byo kubabazwa gukomeye. Mwenedata Branham yabivuze kenshi. Pawuro nawe yandikiye abizera ibikurikira: « *Ese ibyiringiro cyangwa umunezero wacu cyangwa ikamba ry'ubwiza ryacu bishingiye kuki ? Ese si mwe imbere y'Umwami wacu ubwo azaboneka/azagaruka*? » (1 Abatesalonika 2:19).

Ubundi, hari ukuza kunyuranye kw'Umwami wacu kutareba Itorero kuvugwa mu mirongo inyuranye nko muri Matayo 25, uhereye ku murongo wa 31: *« Ubwo Umwana w'umuntu azaza mu bwiza bwe n'abamarayika be bose, azicara ku ntebe ye y'ubwamu y'icyubahiro ».* Mu Batesalonika ba kabiri 1:7-8 naho dusoma ibi bikurikira: *« Ubwo Umwami Yesu azagaragara mu ijuru hamwe n'abamarayika b'ubutware bwe ari mu kibatsi cy'umuriro, aje guhana…»* Tubona n'izindi ngero nko mu Byahishuwe 16 imirongo ya 15 na 16 no mu Byahishuwe 19 uhereye ku murongo wa 11. Ni ngombwa igihe cyose ko umuntu agarura buri kintu mu Isezerano rya cyera kugira ngo amenye neza icyo gishaka kuvuga ndetse n'umwanya wacyo uwo ari wo.

Ese ibyo kugaruka kw'Umwami wacu bivugwa bite muri Matayo 24: 29-30 ? *« Nuko nyuma y'ibyago byo muri iyo minsi, izuba rizijima, ukwezi ntikuzatanga umwezi wako, inyenyeri zizagwa zivuye mu ijuru, kandi imbaraga zo mu ijuru zizajegajezwa. Nuko hazaboneka ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu mu ijuru: abatuye isi bose bazaboroga babonye ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu aza ku bicu byo mu ijuru, afite imbaraga n'ubwiza bwinshi »*

Ntabwo ibi byanditswe bivuga kuza kw'Umukwe ahubwo bivuga kuza kw'Umwana w'umuntu, nyuma y'ibyago bikomeye, igihe izuba rizacura umwijima n'ukwezi ntigutange umucyo wako. Uku kuza kuzaba mu gihe cy'ikimenyetso cya gatandatu (Ibyahishuwe 6 uhereye ku murongo wa 12). Mu Byahishuwe 1:7 naho havuga kuri uko kuza: *« Dore araza ku bicu. Ijisho ryose rizamubona ndetse n'abamucumise, kandi abatuye isi bose bazaboroga ku bwe. Yego. Amina ».*

« … kandi bazampindukirira, uwo bacumise… » (Zakariya 12: 9-10).

*« Narimo ndeba mu iyerekwa rya nijoro, nuko mbona ku bicu haza usa n'Umwana w'umuntu ; araza yegera Nyir'ibihe byose, nuko baramumwegereza. Ahabwa ubutware, icyubahiro n'ubwami; kandi amoko yose, amahanga yose n'abantu bo mu ndimi zose baramukorera. Ubwami bwe ni ubw'iteka ryose kandi ntibuzakurwaho »* (Danieri 7:13- 14).

Mu Ibyahishuwe 11 uhereye ku murongo wa 15 naho harushaho kubisobanura:

« Marayika wa karindwi avuza impanda. Nuko haba mu ijuru amajwi menshi arangurura avuga ati: ubwami bw'isi bweguriwe Umwami wacu na Kristo we, kandi ingoma ye izahoraho iteka ryose ».

Muri iki gice, tuhasoma ibyerekeye marayika wa karindwi uvuza impanda kandi wongera kuvugwa mu Myahishuwe 10:7. Tariki 17 Werurwe 1963, Mwenedata Branham yavuze kuri ibi byanditswe mu kibwirizwa cye yise « Icyuho/La Breche…»: **« Murabona, ntacyo mpimba ubwanjye… ibi ni UKU NI KO UWITEKA AVUGA. Ndabikura muri iki gitabo, Bibilia: ariko mu minsi ya marayika wa karindwi, <u>ubwo azavuza impanda</u>, <u>ubwiru bw'Imana</u> buzasohora, nk'uko yabibwiye abagaragu be abahanuzi ».** Amagambo Branham yavuze aherekejwe na UKU NI KO UWITEKA AVUGA ntagomba kandi ntashobora gukorwaho. Muri murongo umwe ukurikira, yatanze uyu mucyo ku bijyanye na marayika wa karindwi uvuza impanda hamwe no ku byerekeye kumanuka kwa Marayika w'isezerano: **« Nuko igihe ibimenyetso bizafungurwa n'ubwiru bugahishurwa, <u>ni bwo Marayika azamanuka, Intumwa, Kristo</u>, ashyire ibirenge bye ku butaka no ku nyanja kandi afite umukororombya hejuru y'umutwe we. Noneho rero, mwibuke ko uwo marayika wa karindwi azaba ari ku isi igihe cy'uko kuza kwa Kristo »**

Ndabinginze mwite kuri ibi bikurikira: ntabwo ibi bizaba ubwo Kristo azagaruka, Umugeni we akamusanganira mu kirere nk'Umukwe. Ahubwo ni igihe azamanuka nka Marayika w'isezerano – si **wa** marayika wa karindwi-, ahubwo ni **uwo** marayika wa karindwi kw'isi. Ntabwo ibyo biba mu gihe cyo gufungurwa kw'ibimenyetso muri 1963, bizaba nyuma

yabyo. « … *Nuko Umwami mwifuza azinjira mu rusengero rwe, Marayika w'isezerano mwifuza, dore, araje, uko ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga* » (Maraki 3:1b).

Abamarayika barindwi bazavuza impanda bazabimburirwa n'ifungurwa ry'ikimenyetso cya karindwi. Mwenedata Branham mu kibwirizwa yabwirije ku kimenyetso cya karindwi, yasomye umurongo umwe gusa mu Byahishuwe igice cya 8 umurongo wa mbere uvuga ko habaye guceceka kw'igice cy'isaha mu ijuru. Ariko akimara kuvuga ibyo, Intumwa Yohana yahereyeko abona ibyanditswe ku murongo wa 2: « *Nuko mbona ba bamarayika barindwi bahagarara imbere y'Imana, bahabwa impanda ndwi* ». Ijambo « *shofar* » ryo muri Bibilia yo mu Giheburayo risobanurwa mu zacu nk'« impanda ». Iryo jambo « *shofar* » rikoreshwa ahandi hantu icyenda (mu Byahishuwe 8:6 ; 8:8 ; 8:10 ; 8:12 ; 8:13 ; 9:1 ; 9:13 ; 10:7 ; 11:15). Ibi byekana neza ko ibikubiye mu kimenyetso cya karindwi ntaho bihuriye n'abamarayika barindwi b'amatorero (Ibyahishuwe 2+3), ahubwo bireba ba ba marayika barindwi bavuza impanda bahagaze imbere y'Imana.

Nyuma y'uko ba marayika bavuza impanda bane bamaze kuvuza impanda « *shofar* » zabo, handitswe ngo: « *Babanye ishyano, babonye ishyano, babonye ishyano abatuye isi kubera ijwi ry'izindi mpanda <u>zigiye kuvuzwa n'abandi ba marayika batatu</u> !* » (Ibyahishuwe 8:13). Mu gice cya 9, marayika wa gatanu n'uwa gatandatu niho bavuza impanda zabo, kuburyo haba hasigaye gusa ijwi rya marayika wa karindwi. Marayika wa karindwi uvugwa mu Byahishuwe 10:7, ntaho ahuriye n'intumwa y'igisekuruza cya karindwi cy'itorero, ahubwo ni marayika wa karindwi mu bavuza impanda. UKO NIKO UWITEKA AVUZE yatuwe na mwenedata Branham, nta gushidikanya ko ijyanye n'ijwi rya marayika wa karindwi uvuza impanda kuko icyo gihe ariho <u>ubwiru bw'Imana</u> buzaba busohoye.

Igihe cyose mwenedata Branham yavugaga umurongo wo mu Byahishuwe 10:7 ku bijyanye n'ubukozi bwe, yakoreshaga ijambo ubwiru (amabanga) mu bwinshi. Harimo itandukaniro rikomeye cyane kuko ubwiru bwose (mu bwinshi) bwagombaga guhishurwa n'intumwa ya nyuma yo mu gisekuruza cya Lawodikiya, uhereye mu gitabo cy'Itangiriro ukageza ku gice cya nyuma cya Bibilia, kandi koko niko byabaye. Byari inshingano y'intumwa ya nyumwa y'itorero, mu gisekuruza cya Lawodikiya, kuzana ubutumwa bwa nyuma bw'Itorero. Mu Byahishuwe 10:7 ho havuga « ubwiru (ibanga) bw'Imana » buzaba busohoye ubwo marayika wa karindwi azavuza impanda ye. Ibyo birasobanutse neza mu byanditswe byera. <u>*Kristo niwe guhishurwa kw'ubwiru bw'imana*</u> (1Timoteyo 3:16 ; Abakorosayi 2:2-3 ; n'ahandi): *« …kandi mufite ubwenge bwose bwo <u>kumenya</u>*

*ubwiru bw'Imana,… buhishemo ubutunzi bwose bw'ubwenge no kumenya »*. Ubwiru bw'Imana muri Kristo bwahishwe abayahudi, ariko igihe nikigera nabo buzabahishuirwa.

Ku bijyanye n'ibyo, Ijambo ry'Imana rirasobanutse kandi ntirikwiriye kumvwa uko ritari. Ikosa rikomeye ni uko ibyaditswe binyuranye bivuga ibihe binyuranye, byerekezwa byose ku kugaruka kwa Kristo, ariko kuza kwe kwa kabiri. Ni ngombwa kandi bifite akamaro cyane kumenya neza no gushyira buri cyanditswe mu mwanya wacyo cyagenewe n'Imana. Igihe kigiye kugera aho buri muntu wese azagomba kwemeranya n'Imana n'Ijambo ryayo. Hahirwa umuntu uherako abikora ako kanya!

Mu Isezerano rishya, igice cya mbere cy'umurongo wa Maraki 3:1 ni cyo cyonyine cyavuzwe kuri Yohana mubatiza: « *kuko ariwe byanditsweho ngo: dore ndohereza integuza yanjye imbere yawe, kugira ngo agutegurire inzira yawe* » (Mat.11:10). Igice cya kabiri, cyerekeye Marayika w'isezerano uzaza kwinjira mu rusengero rwe rwera, ntabwo cyavuzwe icyo gihe kuko atari bwo cyagombaga gusohora. Isezerano rya Marayika w'isezerano ryari ryaramaze gutangwa ariko gusohora kwaryo kwari uko mu gihe kizaza na nubu kitaragera.

*« …Nuko Umwami mushaka azaduka mu rusengero rwe, kandi intumwa y'isezerano mwishimira, dore iraje, niko Uwiteka Nyiringabo avuga. Ni nde uzabasha kwihanganira umunsi wo kuza kwe ? Kandi ni nde uzahagarara ubwo azaboneka ? Kuko azaba ameze nk'umuriro w'umucuzi, nk'isabune y'abameshi ? »* (Maraki 3:1b-2).

Mu Byahishuwe 11:1, urusengero rwongeye kwubakwa rurapimwa. Nk'uko bivugwa muri 2 Abatesalonika 2:4-8, Antikristo azicara mu rusengero rw'Imana, ariko icyo gihe Umwami **azaba aje aziye abayahudi**, azamwicisha umwuka wo mu kanwa ke (Yesaya 11:4).

Mu Byahishuwe 10, tuhabona Marayika w'isezerano amanuka ava mu ijuru agoswe n'igicu, umukororombya uri hejuru y'umutwe we (umurongo wa 1). Kubera ko ibi biba nyuma yo kumenwa kw'ibimenyetso birindwi, tumubona afite igitabo gifunguye mu kiganza cye. Noneho nk'umutware wa byose, ashyire ikirenge cy'iburyo ku nyanja n'icy'ibumoso ku butaka (umurongo wa 2) « … nuko arangurura ijwi rirenga nk'uko intare yivuga… » ; icyo gihe ni bwo za nkuba ndwi zizunvikanisha ijwi ryazo (umurongo 3).

Ibyo zavuze ntibitureba kuko ntaho bihuriye n'itorero kandi byabujijwe ko byandikwa: *« iby'uko guhinda kurindwi kw'inkuba kuvuze ubizigame, bibe ubwiru ntubyandike »* (umurongo wa 4).

Twubaha ibyemezo by'Imana kandi ibyo izakora ubwayo turabiyiharira. Icyo ni cyo gihe Marayika w'isezerano azahagarara ku isi no ku nyanja, azamure ikiganza cye cy'iburyo arahire « …*Uhoraho iteka ryose, waremye ijuru n'ibirimo byose n'isi n'ibirimo byose, ko nta gihe kizaba gisigaye…* ». Ibyo nibiba, nta gihe kizaba gisigaye, nta gihe kizongerwa « *ariko mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi ubwo azatangira kuvuza impanda-Shofar, niho ubwiru bw'Imana buzaba busohoye, nkuko yabimenyesheje abagaragu bayo abahanuzi* ». Mu gice cya 11, nyuma y'uko ba bahanuzi babiri barangiza umurimo wabo bakazamurwa mu gicu (umurongo wa 12), nibwo marayika wa karindwi azavuza impanda nkuko byatangajwe mu Byahishuwe 10:7, maze ubwami bw'Imana butangazwe. Nta gushidikanya, byose biri ku murongo muri gahunda ihebuje !

Umuhanuzi Danieri yabibonye bitaraba ukuntu marayika yazamuye amaboko abiri akarahira. Yanditse ko uhereye ubwo kugeza aho ubwami bw'Imana bazatangiririra hazaba hasigaye imyaka itatu n'igice gusa. « *ibyo bitangaza bizagarukira he ? Mbona wa mugabo wari wambaye umwenda w'igitare wari hejuru y'amazi y'uruzi, atunga hejuru ukuboko kwe kw'iburyo n'ukw'imoso, numfa arahira Ihoraho iteka ryose ko bizamara igihe n'ibihe n'igice cy'igihe kandi ati nibimara kumenagura imbaraga z'abera, ibyo byose bizaherako birangira.* » (Danieri 12:6-7). Nta kuntu Imana yashoboraga kubivuga mu buryo bwerura kurenza aho. Ku bijyanye n'iyo ngingo by'umwihariko, hari ibindi byanditswe binyuranye dushobora kuvuga byerekana igihe n'uburyo Intare y'umuryango wa Yuda izivuga:

« *Uwiteka azivugira mu ijuru, kandi azunvikanisha ijwi rye ari mu buturo bwe bwera…* » (Yeremia 27:30-31).

« *Bazakurikira Uwiteka, azivuga nk'intare…* » (Hoseya 11:10).

« *Uwiteka azivuga ari i Siyoni, arangurure ijwi ari i Yerusalemu…* » (Yoweli 4:16).

Mu Byahishuwe 10:7 tuhabona itangazo, naho gusohora kwaryo byo biboneka mu Byahishuwe 11:15. Usomye yitonze abona neza ko igihe marayika wa karindwi azavuza impanda (shofar) ye agatangaza ubwami bw'Imana ku isi, ari cyo gihe ubwiru bw'Imana muri Yesu Kristo Umwami wacu buzaba busohoye. « Marayika wa karindwi avuza impanda. Mu ijuru havuga amajwi arenga ngo: ubwami bw'isi bubaye ubw'Umwami wacu n'ubwa Kristo we, kandi azahora ku ngoma iteka ryose. Ba bakuru makumyabiri na bane bicara ku ntebe zabo imbere y'Imana, bikubita hasi bunamye baramya Imana bati: turagushimye Mwami Mama ushobora byose

kandi uhoraho, ko wenze ubushobozi bwawe bukomeye ukima » (Ibyah.15-17).

Byabaye ikosa rikomeye cyane kwitiranya ijwi rya marayika wa karindwi uvugwa mu Byahishuwe 10:7 nk'aho ari ijwi ry'Imana, nubwo muri uwo murongo nta na hamwe havugwa ijwi ry'Imana, cyangwa ijwi ry'intumwa y'igisekuruza cya karindwi cy'Itorero. Nta gushidikanya, uyu marayika wa karindwi ni umwe muri babandi barindwi bavuza impanda. Mwenedata Branham yari afite uburenganzira bwo gukoresho icyo cyanditswe cy'ubuhanuzi (Ibyah. 10:7) ku bijyanye n'ubukozi bwe. Nkuko twabibonye inshuro nyinshi, ibyanditswe by'ubuhanuzi bishobora gukoreshwa mu buryo bubiri bunyuranye. Nimwirebere namwe izi ngero: « …*Isirayeri ni umwana wanjye, impfura yanjye…* » (Kuva 4:22). « *Isirayeri akiri umwana naramukundaga, hanyuma mpamagara umwana wange ngo ave muri Egiputa* » (Hoseya 11:1). « *…kugira ngo ibyo Umwami yavugiye mu kanwa k'umuhanuzi bisohore ngo: nahamagaye umwana wanjye ngo ave muri Egiputa* » (Matayo 2:15). « Umwana » ni ryo jambo nyamukuru aha. N'ubwo ibivugwa hano binyuranye cyane, nyamara byombi bivugwa n'ijambo rimwe ryo muri Hoseya 11:1.

Mwenedata umwe wari ufite imyaka icumi gusa ubwo mwenedata Branham yatahaga muri 1965, yaje nyuma y'imyaka makumyabiri azanye igitekerezo ko ijwi rya mwenedata Branham ari ryo jwi ry'Imana abantu bose bagomba kumva. Abizera ibyo bose bavuga ko mwenedata Branham ariwe ukwiye kumvwa gusa ko nta wundi ufite uburenganzira bwo kubwiriza. Kubera ko bomekanya amagambo ya Branham gusa batayagaruye mu byanditswe byera kugira ngo buri jambo rishyirwe mu mwanya waryo, barushaho gusaya mu musenyi w'insobanuro bwite nyinshi zidafite aho zihuriye n'ibyanditswe byera, ndetse bakazirutisha Ijambo ry'Imana.

Twubaha ubukozi budasanzwe Imana yahaye mwenedata Branham butigeze bwibeshya, ubukozi bwari bufitanye isano n'umugambi w'Imana w'agakiza. Ababyawe n'Imana bose bazumvira kandi bazizera Ijambo ry'Imana ryasezeranijwe ryo mu gihe cyacu. Ariko n'ubwo bimeze bityo, twamaganira kure insobanuro zihariye zose mw'Ijambo ry'Imana n'ikintu cyose kigamije gushyira hejuru umuntu, kuko ibyo atari ikindi ahubwo ni umwuka wo gusenga ibigirwamana. Ijwi ry'Imana rivugira mu Ijambo ry'Imana rihoraho iteka ryose. Icyubahiro n'ikuzo ni iby'Imana yonyine ku bwa Yesu Umwami wacu !

Ubu ubwo kugaruka kwa Kristo kurushaho kwegereza, izi ngingo zigomba gusobanuka kandi zigashyirwa mu mwanya wazo neza bihuje

n'ibyanditswe byera na gahunda y'Imana. Inyigisho zose z'ibinyoma dusanga mu madini anyuranye, zikomoka mu myumvire mibi no gusobanura nabi ibyanditswe byera. Nk'uko buri nyigisho y'ikinyoma isangwa mu bavuga ko bizera ubutumwa bw'igihe yazanywe no gufata amagambo ya mwenedata Branham uko atari. Ntabwo Ijambo ry'Imana cyangwa ubutumwa bw'igihe cyacu bwazanywe n'umuhanuzi ari byo bikwiye kuvebwa, ahubwo ni Satani, umushukanyi, wakomeje kugoreka Ijambo ry'Imana uhereye mu itangiriro !

## URIMU NA TUMIMU UMUCYO NO GUKIRANUKA

Aroni yari yarategetswe ati: « *nuko uzabohe umwambaro wo guca imanza wo kugituza, ubohwe n'abahanga, …kandi uzashyire Urimu na Tumimu imbere muri uwo mwambaro wo guca imanza wo ku gituza bibe ku mutima wa Aroni uko yinjiye imbere y'Uwiteka. Aroni azajye yambara ku mutima we ibyungurisha inama abisirayeri, abijyane imbere y'Uwiteka ubudasiba.* » (Kuva 28:15+30; Abarewi 8:8). Mu minsi ya Mose, Aroni yabaye umutambyi mukuru wa mbere wari ufite inshingano z'imirimo yagombaga gukorerwa mu rusengero, hamwe n'abandi batambyi bo mu muryango wa Lewi. Ikanzu, efodi n'umwambaro wo ku gituza byari mu biranga umurimo. Umwambaro wo ku gituza wari uhunzeho amabuye y'agaciro cumi n'abiri nk'uko imiryango cumi n'ibiri y'abana b'Isirayeri iri. Iyo umuntu asomye mu Isezerano rya cyera ibyanditswe byose bibivugaho, abona neza ko Imana yari yariyeguriye umurimo wo guca imanza mu nzu yayo yera. (Kubara 27:21; 1Samueli 28:6). Umucyo warabagiranaga uva muri ya mabuye cumi n'abiri, niwo Imana yahamirishaga mu buryo ndengakamere ukuri kw'ibyababaga bimaze kuvugwa. Nicyo cyatumye byitwa mu rurimi rw'Igiheburayo "Umucyo no gukiranuka" (Gutegeka kwa kabiri 33:8).

Mu minsi ya Ezira na Nehemiya, ubwo ubwoko bw'Isirayeri bwasubiraga i Yerusalemu kwubaka inzu y'Imana, hatanzwe itangazo rikurikira: « nuko igisonga cy'umwami ababwira kutarya ibintu byejejwe cyane kugeza ubwo hazaboneka umutambyi ufite Urimu na Tumimu » (Neh.7:65).

Mwenedata Branham yavuze inshuro nyinshi ati: **« Uyu munsi, Ijambo ry'Imana niryo Urimu na Tumimu yacu …»**, ashaka kuvuga inyigisho fatizo z'intumwa cumi n'ebyiri. Yavuze umwambaro wo ku gituza wo mugihe cya Mose na Aroni inshuro 138, awugereranya n'inyigisho fatizo y'intumwa idashobora guhinduka. Tariki 6 Mata 1956, mu kibwirizwa yise « Ijambo ry'Imana ridashobora kwibeshya », yagize ati: **« nihagira**

**umuntu urotora inzozi ze cyangwa umuhanuzi uhanura, maze Urimu na Tumimu ntimyase, bishaka kuvuga ko uwo mhanuzi ari uw'ikinyoma »**

Yesu Kristo niwe Mutambyi Mukuru wiringirwa wo mu rwego rwa Merikisedeki. Imana yashize ubukozi bunyuranye mu Itorero ryayo (1Abakorinto 12, Abefeso 4 ; n'ahandi) kandi yashizeho inyigisho fatizo y'intumwa kuba ikyitegererezo cy'ubuyobozi bw'Itorero iteka ryose. Itorero ryubatse ku rufatizo rw'intumwa n'abahanuzi (Ibyakozwe 2:42 ; Abefeso 2:20).

Mwenedata Branham yasubije agaciro ibyanditswe mu Byahishuwe 12 ku bwacu, ubwo yahamyaga ko umugore ufite ikamba ry'inyenyeri cumi n'ebyiri yerekana Itorero ryo mu Isezerano rishya ryambaye ikamba ry'inyigisho y'intumwa cumi n'ebyiri. Itorero ryakiriye imbuto y'Imana ariyo Jambo ryayo, kandi ku musozo waryo rizabyara umwana w'umuhungu uzazamurwa mu bwiza bw'Imana kandi wagenewe kuzategeka amahanga yose.

Ibihuje byose n'inyigisho y'intumwa cumi n'ebyiri bihamirizwa n'umucyo ndengakamere (wa Urimu na Tumimu). Iyo ibyigishijwe, ibihanuwe cyangwa ibikozwe bidahuje n'Ijambo ry'Imana, ntabwo umwambaro wo ku gituza ubengerana. Amabuye y'agaciro cumi n'abiri ari ku mwambaro wo ku gituza (cy'umutabyi mukuru) niyo asangwa muri Yerusaremu nshya (Ibyah.21:15-20), izamanuka iva mu ijuru nk'umugeni witatse. « *nuko umwe muri ba bamarayika barindwi bafite inzabya ndwi zuzuye ibyabo birindwi bya nyuma araza, arambwira ati: ngwino njye kukwereka umugeni, umugore w'Umwana w'intama. Nuko anjyana mu mwuka hejuru y'umusozi munini kandi muremure. Nuko anyereka umurwa wera, Yerusalemu yamanukaga iva mu ijuru ku Mana…* » (Ibyah.21:9-27).

Uburyo imyubakire ya Yerusalemu nshya yarondowe buratanaje kandi bufite akamaro cyane. Umurwa ufite imfatiro cumi n'ebyiri, zitatswe amabuye cumi n'abiri, kandi kuri izo mfatiro handitsweho amazina y'intumwa cumi n'ebyiri z'Umwana w'intama. Amabuye yubatse imfatiro ni amabuye y'agaciro kandi buri buye rivugwa izina ryaryo (imirongo 15-20). Tubwirwa kandi ko umurwa ufite imiryango cumi n'ibiri yanditseho amazina y'imiryango cumi n'ibiri y'abana b'Isirayeri. Abo amazina yabo yanditse mu gitabo cy'Umwana w'intama watambwe nibo bonyine bazinjira muri Yerusalemu nshya. Aha ho ni ah'umugeni w'Umwana w'intama, babandi batoranijwe isi itararemwa bo mu b'Isirayeri no mu mahanga yose yo mu Isezerano rya cyera n'irishya. Abo, ku bwo kwizera no kumvira kwabo bitunganye, bagendanye rwose n'Imana n'Ijambo ryayo.

« Ntihazinjirayo icyanduye, cyangwa umuntu wese ukora ibizira cyangwa uvuga ibinyoma ; hazinjirayo gusa abanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'intama » (Ibyah.21-27).

Mwenedata Branham yavuze no kuri Lusofero, asoma Yesaya 14:12 ; Luka 10:18 hamwe na Ezekieli 28:11. Nka marayika w'umucyo n'umukerubi wasizwe, yari atatse amabuye cyenda y'igiciro cyinshi (Ezekieli 28:13). Yari yegereye Imana cyane, azira amakemwa uhereye umunsi yaremeweho kandi yari no mu ngobyi y'Edeni. Nyamara hageze igihe atangira kuvuga ati: « *Njye nshaka ! Njye nshaka…* ». Nuko agira ubwibone bwatumye ashaka kuba nk'Imana , aribyo byamuviriyemo kugwa.

Abasizwe b'ibinyoma bo mu gihe cya nyuma, bitwa ko berekwa ndetse bagatangaza n'ibyo beretswe, ni bo ba kristo b'ibinyoma bo muri Matayo 24,banahangara ntibatinye kuza bavuga bati UKU NIKO UWITEKA AVUZE. Bishiraho imitako y'impano cyenda z'Umwuka ; nyamara inyigisho zabo n'imirimo yabo bihuje n'ibya antikristo aho guhuza n'inyigisho za Kristo n'intumwa cumi n'ebyiri. Kubera gukurikiza ubushake bwabo bwite, batwawe n'ubwibone bwo mu mwuka, kandi bayobya ubugingo bw'igiciro bw'abantu beshi. Nta gihe na kimwe cyigeze kubaho nk'iki aho ubushukanyi bwishyiraho imitako y'ibyanditswe byinshi nka none. Bose bakoresha ibyanditswe biregura, nyamara nta na rimwe bafata akanya ngo bagereranye inyigisho zabo n'imirimo yabo n'iby'intumwa zigishaga kandi zakoraga.

Muri 2 Timoteyo 4, tuhasoma umurimo wahawe umukozi nyakuri w'Imana: *« Bwiriza Ijambo, ujye urishimangira igihe cyose bigushobokeye, mu gihe kigukwiriye n'ikitagukwiriye, jya uhana, uteshe, uhugure, mu bugwaneza bwose ariko wigisha. Kuko igihe kizaza aho abantu batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo amatwi yabo azaba aryaryatwa no kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo, baziziba amatwi kugira ngo batumva ukuri, bazayoba bakurikire imigani y'ibinyoma. Ariko wowe, wirinde muri byose, wihanganire imibabaro, ukore umurimo w'umubwirizabutumwa, usohoze neza umurimo wawe wo kugabura iby'Imana. »* Amina !

## UBUYOBE KU NZEGO ZOSE

« Yesu arababwira ati: mwirinde ababayobya » (Mat.24:4). « Kuko hazaza ba kristo b'ibinyoma n'abahanuzi b'ibinyoma; bazaduka bakore ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza, ku buryo bari kuyobya n'intore iyaba byashobokaga » (umurongo 24).

Mu binyejana byashize, ntabwo ubwira bwo **kugaruka kwa Kristo** kwari ingingo nyamukuru mu matorero. Ariko vuba aha, yose – uhereye i Vatikani ukageza ku idini rya nyuma – nicyo avuga, ndetse banakoresha ijambo « Paruzia ».

Mu nama rusange yagize tariki 12 Ukuboza 2008, Papa Benedigito wa 16 yatoranije umutwe w'ijambo yavuze ugira uti "Maranata = Ngwino Mwami Yesu », kandi inshuro nyinshi yagarutse ku byo Pawuro yanditse mu Bakorinto ba mbere 16:22 avuga ati: « Maranata ». Muri iki gihe, imvago « Umubiri wa Kristo », « Umugeni w'Umwana w'Intama » n'«Itorero rya Yesu Kristo » isigaye ari imvago isanzwe mu itorero gatorika ry'i Roma no mu yandi madini yose. Benedigito wa 16 yakoresheje n'amagambo ya Pawuro yanditse mu Batesalonika ba kabiri 2, y'uko mbere yo kugaruka kwa Kristo hazabaho « ubuyobe bukomeye », bishaka kuvuga guta kwizera. Itorero ry'i Roma n'andi matorero yamaze kugwa atabizi cyera cyane muri ubwo buyobe. Itorero ry'i Roma ryavutse mu gihe cy'umwami Konsitantini. Ntaho rihuriye n'Itorero rya Yesu Kristo kandi ntaho rihuriye n'Itorero riri muri Bibilia, byaba ari mu nyigisho cyangwa mu bikorwa. Nta n'irindi torero na rimwe rishobora gutsinda igipimocy'Ijambo. Byaba bimaze iki kuvuga ku «ubuyobe bukomeye » mu gihe badashobora kububona mu buzima bwabo bwite ? Ikindi gikwiriye kwitonderwa ni ibyavuzwe na papa uriho ubu ubwo yavugaga ko Pawuro atasobanuye bihagije umuntu amateka ya gikirisitu yaje kwita « antikristo ».

Mu by'ukuri, birasobanutse bihagije ku muntu ufite amaso yo kubibona. Imvago nyamukuru iri mu Batesalonika ba kabiri 2 yuko antikristo azagaragara ku bijyanye n'ubuyobe bukomeye nka « sekibi », « umwana wo kurimbuka », umuhakanyi uhangana na Kristo, uwihesha icyubahiro hejuru y'icyitwa Imana cyose cyangwa igisengwa. We ubwe yiyita umusimbura wa Kristo. Dore ikimuranga cyihariye: antikristo « ntagengwa n'amategeko », bishaka kuvuga ko ari umuntu ukomoka mu banyamahanga, ntabwo yaba umuyuda kuko abayahudi ari « ubwoko bw'amategeko » – Torah.

Mu byakozwe n'intumwa 2:23, intumwa Petero ibwira abayahudi bababambye Masiya yagize ati: « *uyu mugabo … mwaramubambye, mwamwicishije amaboko y'abagome (abatagira amategeko) …* » Yavugaga abaroma, Pirato waciye urubanza n'abasirikare b'abaroma bamubambye hanyuma bakagabagabana imyenda ye (Yohana 19:23)

Ubwoko bw'Isirayeri ni ubwoko bw'amategeko. Umwami Imana Ubwe yamanutse ku musozi Sinayi , abanza guha Mose amategeko cumi hanyuma n'andi mategeko yose. Ibyo bihamywa n'imirongo myinshi ya

bibilia. Ntabwo bishoboka na gato ko antikristo akomoka mu bayuda, agomba kuva mu banyamahanga kuko atagengwa n'amategeko, ari nayo mpamvu azakabya akageza aho yicara mu nzu y'Imana akiyita ko ariwe uyihagarariye (2 Abatesalonika 2:4).

## IZINA RYA YAHWE

Tariki 19/11/2008, Vatikani yasohoye itangazo rivuga ko Izina ry'Imana, Yahwe, ritagomba kongera gukoreshwa mu mihango ya misa ya kirizia gaturika. Ibyo bikorwa, abajyanama ba papa bashatse gushimisha abatambyi b'abayahudi kuko aribo babagejejeho icyo cyifuzo, kuko bavugaga ko Izina ryera ry'Imana ritazigera ryaturwa ukundi keretse bikozwe n'umutambyi mukuru abikoreye mu rusengero rw'Imana rugomba kubakwa i Yerusalemu. Muri bibilia y'igiheburayo iryo zina ryerekanwa n'inyuguti ennye gusa, Y H W H (Yod Heh Waw Heh). Iryo zina ryavuzwe n'Imana ubwayo: « *Nuko Imana ivugana na Mose iti: Ndi Uwiteka (Yahwe). Nabonekeye Aburahamu, Isaka na Yakobo, nk'Imana ishobora byose, ariko ntabwo bamenye mu Izina ryanjye Yahwe (Elohimu Yahwe)* » Kuva 6:2-3).

Ubwo yatangaga amategeko cumi, Ishobora byose yaravuze ati: « *Ndi Uwiteka (Yahwe), Imana yawe (Elohimu), wagusohoye mu gihugu cy'Egiputa…* ». *Hanyuma arategeka ati: « Ntabwo uzavugira ubusa Izina ry'Uwiteka Imana yawe, kuko Uwiteka atazabura guhana uzavugira Izina rye ubusa* ». Izina ry'isezerano ry'Umwami Imana rirera cyane ku buryo ryagombaga kwaturwa ryubashwe mu gihe cyo kuramya. Imana ubwayo yarategetse iti: « … *aho nzibutsa Izina ryanjye hose, nzaza aho uri nguhe umugisha* » (Kuva 20:24).

Ntabwo byari byemewe ko hagira uvuga iryo Zina ryera mu gihe babaga basohora m unzu umuntu wapfuye, kuko Imana atari Imana y'abapfuye ahubwo ari Imana y'abazima: « *Ceceka ! Ntabwo ari cyo gihe cyo kuvuga Izina ry'Uwiteka (Yahwe).* » (Amosi 6:10). Iki cyanditswe cyafashwe nabi n'abanditsi b'abayahudi baherako babuza burundu kuvuga Izina rya Yahwe. Mu myaka ya 270 mbere yo kuvuka kwa Yesu, ubwo Bibilia yo mu Giheburayo yasemurwaga mu Kigiriki, n'abanditsi b'abayahudi hagati ya 70 na 72, bo muri Alekisandria muri Egiputa, bakoze ikosa rikomeye. Mu nsobanuro y'Isezerano rya kyera mu rurimi rw'Ikigiriki ryiswe *Septante*, Izina Yahwe bararisemuye barigira « Kiriosi ».

Abanditsi b'abayahudi b'i Tiberiyade bo banze kwemera uburyo *Septante* yasemuwe hamwe n'ijambo « Kyrios » basimbuje Yahwe. Nyamara n'abayahudi ubwabo baje kuzasimbura YHWH barihindura « Adonayi »

ubwo babaga basoma ibitabo by'amategeko. Kugeza uyu munsi, abayahudi baracyasenga « Elohimu Adonayi » mu mwanya wa « Elohimu Yahwe ». Ayo magambo yose uko ari atatu asobanura ijambo « Umwami » – « Adonayi », « Kyriosi » na « Dominusi » – ntaho ahuriye n'Imana. *Adonayi* rishobora gukoreshwa no ku muntu ufite ubutegetsi, *Kyriosi* ashobora kuba umuyobozi, naho *Dominusi* ashobora kuba umutware. Nta n'imwe muri izo nyito zose uko ari eshatu ifitanye isano n'Imana imwe y'ukuri yihishuye ubwayo mu Izina ryayo ry'Isezerano ari ryo « Elohimu Yahwe ». Ni cyo kimwe, inyito « Yehova » ikomoka ku nsobanuro itariyo, yatangiye gukoreshwa uhereye mu mwaka wa 1518.

**ESE TWESE DUFITE IMANA IMWE ?**

Mu minsi ishize twese twumvise iri tangazo: *«Twese dufite Imana imwe!* » . Ibyo ntabwo bishoboka. Ni koko hariho Imana imwe yihishuye ubwayo mu itangiriro ry'ibihe nka Elohimu Yahwe. Niyo Uwiteka umwe waremye ijuru n'isi. Ni Umwami, Umucunguzi, Umucamanza kandi ni byose muri bose. Yarivugiye ubwe ati: « … *hanze yanjye nta yindi Mana iriho* » (Yesaya 44:6 ; n'ahandi). Niwe Mana ya Mose, Imana y'Isirayeri. Hano ku isi, yahaye ubwoko bwayo inyaturo yo kwizera imwe gusa bwagombaga kubahiriza: "*Umva Isirayeri, Uwiteka Imana yacu niwe Uwiteka wenyine…*" *– Adonaï Elohenu Adonaï Echad* (Deut. 6:4-9).

Imana y'ubutatu yizerwa n'igikirisitu yo, yahimbwe n'abatangije itorero gatorika mu kinyejana cya gatatu. Muri Bibilia, ntaho wasanga amagambo "ubutatu", "Imana mu butatu", "Umwana w'Iteka" cyangwa "Imana Mwana". Nta na hamwe wabona Imana iha amabwiriza Umwuka wera nk'uwagatatu wo mu Mana, ibyo byazanywe n'abatangije itorero gatorika mu mwaka wa 386 numa yo kuvuka kwa Yesu. Kandi nta na hamwe wabona muri Bibilia ko Imana ishobora kuba yarabyaye Umwana mu Ijuru, cyangwa ikiganiro hagati ya Data na Mwana mu ijuru. Ibyo byose ni ibintu bidasobanutse byinjijwe n'abahimbye itorero gatorika, hanyuma biza guhindurwa inyigisho n'amahane.

Ingingo y'Ubumana na ukuntu Data yihishuye ubwe mu Mwana we w'ikinege yibyariye, niyo ngingo y'ingira-kamaro kuruta izindi zose mu bibwiriza bya Bibilia kuko ibyo byabaye kugira ngo duhabwe agakiza. Iyi ngingo yavuzweho kenshi bihagije mu bitabo byose nagiye nandika nshingiye ku Byanditswe byera, kugira ngo uwashaka wese kubikoraho ubushakashatsi n'umutima ukunze udafite ikindi ugamije ashobore kubibonaho umucyo akeneye.

Allah ni imana ya Muhamadi n'abisilamu. Nk'uko bivuga byeruye mu nyandiko z'amateka, cyera yari imana yabasengaga ukwezi i Baburoni, bavugaga ko ariyo iha uburumbuke ibimera byose byo ku isi. Ubwo Muhamadi yamaraga kuganza andi moko yose n'imana zayo, yahereyeko atangaza Allah – imana y'ubwoko bwe – ko ariyo mana y'ukuri kandi ko nawe ari umuhanuzi wayo. Muri Ka'aba i Maka, kuramya ibuye ry'umukara biracyakomeza na magingo aya nk'uko byahoze kera; ukwezi kwa Ramazani – ukwezi abisilamu biyiriza gutangirana n'imboneko y'ukwezi.

Intego y'idini ryabo iracyari ya yindi, ni iyo guhindura abatuye isi bose bakaba abisilamu, kuko bavugako ukwezi kw'abisiramu kw'igice aribwo kuzahinduka ukwezi kwuzuye. Muri iyi myaka yose nasuye ibihugu cumi na bibiri by'abisilamu. Najyaga mbabazwa n'uko igihe cyose iyo nabwirizaga iyo navugaga ijambo « Imana » umusemuzi yavugaga « Allah ». Muri Indoneziya, aricyo gihugu gifite abisilamu beshi kurusha ibindi bihugu byose byo ku isi kuko gifite abagituye miriyoni 227, ijambo « Allah » niryo rikoreshwa muri Bibilia zabo uhereye mu gitabo cy'Itangiriro umurongo wa mbere kugeza ku murongo wa nyuma wo w'igitabo cy'umuhanuzi Maraki. Ibyo byakomeje kumbera koko urujijo. Hanyuma, Umwami wacu mukundwa yaje kubona agahinda kanjye, atuma mpura n'umwigisha wa kaminuza ukorera ikigo cya Bibilia i Jakarta. Imana yafunguye imyumvire ye ubwo narimo mbwiriza, noneho bimutera gutuma Bibilia yandikurwa bundi bushya. Yahereye anyoherereza Bibilia imwe ikosowe kugira ngo nirebere ubwange ko ijambo « Allah » ryari ryakuwemo ahubwo rigasimbuzwa « Elohimu Yahwe ». ibyo turabishimira Imana !

Ibyo byatumye ndetse na Guverinoma za Indoneziya na Maleziya zikanguka. Mu kwezi kwa kabiri kwa 2009, Guverinoma ya kisilamu ya Malezia yahereyeko ibuza ko izina Allah ryongera gukoreshwa mu matorero yose ya gikristo. Uko nabyumvise ubwo mperutse muri Indoneziya, guverinoma ya Jakarta (umurwa mukuru w'icyo gihugu) nayo ishobora kuba ariko izabigira mu minsi ya vuba.

## UMUBATIZO

Mu minsi ishize, Inama y'isi y'amadini yategetse idini ry'aba Batisita kwemera umubatizo w'abana nk'uko bikorwa mu yandi madini, ngo kuko ari wo mubatizo w'ukuri, ibategeka kandi no kureka kujya bongera kubatiza abantu bundi bushya. Ariko Perezida w'ababatisita yashikamye ku myizerere ye, arasubiza ati: « ku bwacu, ntabwo ari ukubatiza abantu

bundi bushya, ahubwo ni ukubatiza abantu baba bizeye bakifatira icyemezo cyo gukurikira Kristo »

Mu minsi yiswe iy'ubugororozi (reformation), abo bitaga aba «anabatisiti » baratotejwe, baravumwa ndetse bararimburwa. Idini ry'i Roma hamwe n'amadini y'igihugu ya giporotesitanti yakomotse mu bugororozi yashingiraga ku byanditswe mu Befeso 4:5 bavuga ko nta muntu ukwiriye kubatizwa bwa kabiri kuko byanditswe ngo « *Umwami umwe, kwizera kumwe, umubatizo umwe…* » Nyamara abo bitaga aba « anabatisita » bo bari barasobanukiwe ko inyigisho z'isakaramento ryo kubatiza, y'uko umwana abyarwa ubwa kabiri n'umuhango wo kumuminjagiraho amazi ntaho wari ihuriye na Bibilia. Uwo ni umugenzo wa kidini udashobora na hato guhesha ubugingo buhoraho bukomoka ku Mana.

Ibyo byatumye bahakana umubatizo w'abana, bakabatiza bashingiye ku Ijambo ryo muri Mariko 16:16: « *Uzizera akabatizwa azakizwa…* ». Bibilia ihabwa abantu bose, bituma buri muntu ashobora kwisomera akifatira icyemezo niba ashaka kwemera umubatizo wa Bibilia cyangwa kugumana umugenzo wa kidini wo kubatiza impinja wadutse mu gihe abantu bahatirwaga kwemera idini rya gikirisitu. Mu maso y'Imana, uwo mubatizo nta gaciro na gato ufite. Muri icyo gihe cy'ububyutse, abanabatisita nibo batangiye kubatiza mu mazi menshi, bakibiza umuntu wese uko yakabaye inshuro imwe. Uwabatizaga n'uwagombaga kubatizwa, bombi binjiraga mu mazi nk'uko byakorwaga itorero ry Kristo rigitangira: « *Nuko bahagarika igare, <u>Firipo n'inkone bombi bamanuka mu mazi</u>, nuko Firipo abatiza iyo nkone* » (Ibyakozwe n'intumwa 8:38)

« <u>Yesu amaze kubatizwa asohoka mu mazi</u>. Nuko ijuru rirakinguka, abona Umwuka w'Imana umanuka mu ishusho y'inuma uraza uguma kuri we. Nuko ijwi ryumvikanira mu ijuru riti: Nguyu Umwana wanjye nkunda kandi nkamwishimira » (Matayo 3:16-17)

Ubu rero, ababatiza bushya mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo – nk'uko byakorwaga mu Itorero mbere na mbere – batangiye kongera guhabwa akato no gutotezwa. Mbere yo guca urubanza, buri muntu ashobora kubyisomera akirebera ubwe ukuntu umubatizo wakorwaga i Yerusalemu (Ibyakozwe 2), i Samariya (Ibyakozwe 8), i Kayisari (Ibyakozwe 10), muri Efeso (Ibyakozwe 19) n'i Roma (Abaroma 6). Nta n'umwe uvuyemo, intumwa zose n'ababwiriza-butumwa bose basobanukuwe neza inshingano bahawe, maze babatiza mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo. Imana yihishuye ubwayo nka Data wa twese mu ijuru, mu Mwana wayo ku isi no mu Itorero nk'Umwuka wera. Nyamara, nk'uko Umwami wacu yabivuze muri

Matayo 28:19, umubatizo ugomba gukorwa mu Izina atari mu byubahiro. Iryo Zina ni rimwe ry'Isezerano « Yahshua-Yesu = Yahwe-Umukiza mu Isezerano rishya. « *Data wera, urindire mu Izina ryawe abo wampaye, kugira ngo babe umwe nk'uko natwe turi umwe* » (Yohana 17:11b). Ibyanditswe byera ntaho bivuga iby'isakaramento ry'umubatizo cyangwa inyigisho y'uko umuntu abyarwa ubwa kabiri no kubatizwa. N'ubwo Atari amatorero yose yemera inyigisho za kiriziya gatorika, ni hahandi kuko aguma mu migenzo yayo ku byerekeye umubatizo mu butatu. Ubu, mbere y'uko Yesu Kristo agaruka, buri nyigisho na buri gikorwa mu Itorero rye bigomba kugarurwa bigahuzwa n'Imana n'Ijambo ryayo, kugira ngo itorero rishobore gusubizwa uko ryahoze rigitangira.

## ISI MU BIHE BIKOMEYE

Twari twiteze ko ibintu bikomeye biba, nyamara ntabwo twari twiteguye ibihe bikomeye binyuranye nk'ibirimo kujegeza isi yose ubu. Ibyahereye mu ma banki byageze ku bukungu bwose, ku buryo byashoye isi yose mu bihe bikomeye binyuranye itigeze kubona. Buri munsi twumva amakuru y'incamugongo, nyamara birasa nk'aho bitari byagera ku ndunduro yabyo. Ibintu uko bimeze ubu binyibutsa amagambo y'umwepisikopi mukuru n'umukaridinari w'umudage Faulhaber w'i Munich-Freising (1869-1952): « iyo isi ifite inguma igihumbi zivirirana imvugo z'abantu ziri mu rujijo nk'uko byabaye i Baburoni, biba byerekana ko igihe cya kiriziya gatorika kiba kigeze ».

Mu Bihugu byunze ubumwe by'Amerika, amizero yose bayateze perezida mushya Barak Huseni Obama, wasigiwe undi mugogoro w'intambara yo muri Iraki. Intambara zose zigira ingaruka mbi zidashobora gukosorwa na hato. Rimwe mu kiganiro yagiranye n'ikigo cy'itangazamakuru CNN, Barak Obama yabajijwe ikibazo gikurikira: « Ni irihe kosa rikomeye kuruta ayandi ryakozwe na guverinoma y"igihugu mu kinyejana cya 20 ? ». Yasubije ati: « ni igitero cyagabwe n'ingabo z'Ubudage mu gihugu cy'Uburusia mu mwaka wa 1941 ». Ikibazo cya kabiri cyari: « ese ni irihe kose rikomeye ryakozwe na guverinoma y'igihugu muri iki kinyejana cyacu ? ». Igisubizo: « Ni igitero cyagabwe n'ingabo za Amerika n'iz'Ubwongereza mu Iraki muri Werurwe 2003 ».

Abasirikare barenze ibihumbi bine bamaze kugaruka muri Amerika bari mu masanduku. Abandi ibihumbi byinshi barakomeretse, bataha ari ibimuga kandi barahahamutse. Abanya Iraki barenze miriyoni eshatu nta

ngo bagira ; ntituzigera tumenya umubare w'ababo bapfuye kandi n'igihugu cyabo cyarasenyutse.

Nk'uko bimera mu ntambara zose, intambaro yo muri Iraki ni icyaha gikomeye cyakorewe isi yose. Bigitangira, byasaga nk'aho ari Sadamu wagombaga gukurwaho kugira ngo isi irindwe intambara y'intwaro za kirimbuzi. Nyamara ubwo impuguke Hans Blinx na El Barradei baburaga ikimenyetso na kimwe cy'uko Iraki yari ifite intwaro za kirimbuzi cyangwa yarimo izicura, byahereyeko bigaragarira buri wese ko impamvu y'iyo ntambara yari peterori.

Niba uwahoze ari perezida wa Amerika Gearges W. Bush adahindutse umuyoboke wa kiriziya gatorika nk'uko Tony Blair yabikoze, amenye ko bishoboka ko yazakurikiranwa n'urukiko mpuzamahanga rw'i La Haye, kubera intambara yashoje muri Iraki. Perezida mushya wa Amerika Barak Obama ibyo azakora byose bizaba ari byiza kuko bidashoboka gukora bibi birenze iby'uwo yasimbuye.

## GUHAKANA IRIMBURWA RY'ABAYAHUDI

Iki kibazo ntabwo cyakemurwa gusa no guhakanya ibivugwa na kiriziya gatorika cyangwa n'abari ku rundi ruhande basa n'aho bahanganye. Ushaka kumenya impamvu y'ibyabaye ku bayahudi mu gihe cy'« ubwami bwa gatatu bw'Ubudage/troisieme reich », agomba gusubira mu mateka, ndetse akarenga igihe cy'itoteza ry'Ubwami bwa Esipanye/Espagne, aho ibihumbi by'abayahudi bakatiwe urwo gutwikwa hamwe n'ibitabo by'imyizerere yabo. Abarokotse baciwe mu bihugu bya Porutigari na Esipanye kugeza ubwo muri 1492 ibyo bihugu byombi byatangaje ko byikijije icyitwa umuyahudi cyose. Tugomba gucukumbura tukarenga za ntambara ndwi za kiriziya (les croisades) (guhera muri 1096 kugeza muri 1292 nyuma yo kuvuka kwa Yesu) zahitanye miriyoni 22 z'abapagani, abisiramu n'abayahudi. Mu by'ukuri, dukwiriye kugaruka ku byatangajwe n'abashinze kiriziya/les peres de l'eglise, mu mpera y'ikinyejana cya kabiri no mu cya gatatu. Icengezamatwara ryabo n'ibinyoma byabo babeshyeraga abayahudi, byabaye ishingiro ry'urwango ruhoraho n'itotezwa ry'abayahudi kugeza no muri iki gihe cyacu.

Ni niyo mpamvu bikwiye ko amazina akurikira avugwa: Yusitini/Justin, Irene/Irenée, Sipiriyani/Cyprien, Atanazi/Athanase, Ewusebi/Eusebius, Efuraimu/Efraim, Kirizositomu/Chrisostome, Hiyeronimusi/Hieronimus, Hileri/Hilaire, Amburuwazi/Ambroise na Ogusitini/Augustin. Ito-

rero ry'igihugu ryavutse muri icyo gihe mu bwami bw'abaroma, ntaho rihuriye namba n'Itorero rya Yesu Kristo nk'uko byizerwa na benshi. Kugeza ku itotezwa rya nyuma ry'abakristo ryakomeje kugeza mu mwaka wa 312 ku ngoma ya Diyokireti/Diocletien, nta torero rimwe rihuriweho na bose ryari ryakabayeho, hariho gusa ibice byinshi nabyo bifite imyizerere inyuranye. Mu mwaka wa 313, niho umwami Konsitantini/Constantin yatangaje ko idini rya gikirisitu ari ryo ryemewe. Nyuma yaho gato mu mwaka wa 321, abuza abayahudi kwizihiza isabato, abahatira kwemera umunsi wo ku cyumweru, amasinagogi yabo bayahindura ibiraro by'amatungo.

Abashinze kirizia b'impumyi, batari barigeze kuvuka bwa kabiri cyagwa se guhindurwa na Kristo, bemeye gusa igikirisitu nk'idini, nibo babaye intandaro yo kwanga abayahudi rugikubita. Banze abayahudi hamwe n'Isezerano rya kera rya bibilia, kandi mu gukwena kwinshi bimuye Imana imwe y'Isirayeri bayisimbuza iyabo « Mana y'ubutatu ». Uhereye icyo gihe, buri gikorwa cyabo cyose cy'ubugome cyaheshwaga umugisha n'amagambo yabo y'ubutatu bari barahimbye « Ku Izina rya data wa twese, n'Umwana, n'Umwuka wera ».

Uhereye icyo gihe, itorero rikoresha ayo magambo atari ayo mu Byanditswe byera kandi atarigeze na rimwe asohoka mu kanwa k'intumwa. Imbuto yabibwe n'abo bashinze kirizia, yarushijeho gukomeza kugaragara mu Itorero ry'i Roma mu binyejana byose uko byagiye bisimburana. Ikinyamakuru cyo mu Budage cyitwa « Der Spiegel », mu nyandiko yacyo yasohotse mu kwezi kwa kabiri 2009, cyasobanuye mu buryo burambuye ukuntu: « Urwango rw'abayahudi, rugaragara mu mateka yose ya kiriziya nk'urudodo rw'umutuku, ndetse nk'ikizinga cy'amaraso ».

Nyuma y'intambara ya mbere ya kiriziya/croisade, mu mwaka wa 1096, irimburwa ry'abayahudi ryatangiye mu midugudu yose y'u Budage nka Trier, Speyer, Worms na Cologne, ku buryo ryahitanye ibihumbi n'ibihumbi by'abayahudi. Mu nama rukokoma ya kiriziya y'i Latran, niho hafatiwe icyemezo ko abayahudi bagombaga gushyirwaho icyasha. Mu binyejana byakurikiyeho, irimburwa ry'abayahudi ryakomeje mu bihugu byose by'Uburayi byari byiganjemo kiriziya gatorika. Dusoma ibyanditswe mu mateka ku duce bacirwagamo (ghettos), icyasha bashyirwagaho, akato n'irondwa bigirirwaga. Ndetse na misa yo kuwa gatanu yarimo amagambo yo kwangisha abayahudi. Umugaturika mwiza wese agomba gufata abayahudi nk'ibicibwa, abishe Kristo n'Imana nk'uko byavuzwe n'abashinze kiriziya. Ndetse iyo mbuto yashoboye no kugaragara mu minsi ya nyuma ya Luteri, ubwo muri 1543 yandikaga agatabo yise « ku by'abayahudi

n'ibinyoma byabo ». Ndetse n'amatorerero y'aba orutodokisi ntabwo yarokotse uwo mutego. Mu mpera y'ikinyejana cya cumi n'icyenda, hagiye haba itotezwa ry'abayahudi mu gihugu cy'Uburusiya.

Bitabaye na ngombwa ko birondorwa, icyo umuntu yavuga muri make ni uko igihe cyose habaye guverinoma iyobowe n'abaporotesitanti mu Budage, nta totezwa na rimwe ry'abayahudi ryigeze riba. Ahubwo bafatwaga nk'abandi baturage bose bafite uburenganzira bungana kandi bafite uburenganzira bwo gukora imirimo yose kimwe. Nk'abandi badage bose, bashoboraga kuba abacamanza, abunganizi (avocats), abavuzi, abacuruzi n'ibindi.

Umwaka wa 1929 wazanye n'impinduka ikomeye mu mateka ya vuba, ubwo tariki 11 y'ukwa kabiri, Benito Musolini, mu masezerano yabereye i Latrani, yongereye kiriziya gatorika ubushobozi ubwo yayishyuriraga umwenda yari ifite wabarirwaga mu mafaranga yabo (lires) miriyari imwe na miriyoni magana arindwi na mirongo itanu, kandi akabaha na Vatikani ingana na Hegitari 44 nk'ubutaka ifiteho ubwigenge busesuye nk'igihugu. Hakurikiyeho amasezerano hagati y'ubwami bw'Ubutariyani na papa Piyo wa 11 nk'uhagarariye kiriziya gatorika y'i Roma. Muri uyu mwaka wa 2009, Vatikani ishobora kwizihiza isabukuru y'imyaka mirongo inani kuva yabaho nk'uko imeze kugeza ubu.

Mu kwa karindwi 1933, hashyizweho umukono ku masezerano hagati ya Vatikani n'Ubudage bwa Hitireri. Muri ubwo buryo Kiriziya y'i Roma yemerewe ko imyanya yose y'ubutegetsi ikomeye ihabwa abayoboke bayo. Ubwo butegetsi bwari bwiganjemo abayoboke ba kiriziya gotorilka, bwazanye amateka mashya mu bwami bwa gatatu muri icyo gihe cya Hitireri, ndetse wiratagako hari byinshi yigiye ku ba yezuwiti. Urwango rw'abayahudi ruherako ruremerwa, ruhinduka ibisanzwe mu baturage. Uwabishaka wese yakwibariza icengeza matwara ryo kwanga abayahudi ryakozwe na dogiteri Karl Lueger watwaraga umurwa wa Vienne uhereye mu mwaka wa 1897 ukageza mu wa 1920. Uwo niwe wabereye Hitireri urugero rw'icengeza matwara ryateguraga itotezwa rya mbere ry'abayahudi. Hari n'inyandiko zirondora amagambo ateye ubwoba yavugirwaga mu ruhame n'abitwa Heinrich Himmler wo muri Bavière, Julius Streicher, von Papen, docteur Joseph Goebbels n'abandi benshi. Abo bose bavugaga ko abayahudi bagomba gutotezwa, gucibwa cyangwa kwicwa kuko ngo Imana baba yaba yarabazinutswe. Noneho rero ntibitangaje kuba ibigo bitandatu byakorewemo irimburwa riteye ubwoba ry'abayahudi harimo n'icya Auschwitz, byose byubatswe muri Polonye, igihugu gatorika kuruta ibindi byose.

Imyumvire y'ibanze y'abakurambere ba kiriziya baje no gutakatifuzwa, niyo yabaye imyumvire yiganje mu itorero rya gatorika ry'I Roma. Uwabishaka wese ashobora gukora ubushakashatsi ku byo banditse akirebera amagambo nk'aya: « *uwishe umuyahudi aba yiyunze n'urupfu rwa kristo* ». Uko niko amamiriyoni y'abayahudi yishwe n'abantu bumvaga nta mutimanama ubacira urubanza. Uwafata akanya ko gusoma zimwe mu nyandiko ibihumbi mirongo ine (40.000) zanditswe ku ntambara ya kabiri y'isi no ku itotezwa n'iyicwa ry'abayahudi, yasobanukirwa aho inkomoko yo kwanga abayahudi yavuye, impamva muzi z'urwo rwango n'icyatumye irimburwa n'iyicwa rubozo by'abayahudi bishoboka.

Birunvikana ko kiriziya gatorika igomba kuvuguruza bwana Hochhut watangaje mu mwaka wa 1963 ikinamico « umusimbura/Le vicaire », aho yerekanaga uruhare rwa papa Piyo wa 12 mu ntambara. Ikibazo cyari gikwiye kubazwa ni iki gikurikira: Kuki Vatikani yanga yivuye inyuma gufungura inyandiko z'amateka y'amabanga zanditswe ku byabaye hagati ya 1939 na 1945 ? Papa Piyo wa 12 yahawe umwanya umukwiriye mu nzira y'isoni yashyizwe mu rwibutso rw'itsembabwoko ry'abayahudi rw'ahitwa Yad Vashem i Yerusalemu. Imvugo y'uko guceceka kwe kwari kugamije kubuza ko haba ibindi biteye ubwoba kurishaho, byumvikana nk'ubushinyaguzi iyo umuntu arebye ibyabaye ahereye ku byashoboye kumenyekana. Papa Benedigito wa 16 yakomeje gusaba n'umurego mwinshi ko ishusho ya papa Piyo wa 12 ikurwa aho hantu mbere y'uko asura Yerusaremu mu kwezi kwa gatamu kwa 2009.


Iki gice cy'amateka ateye ubwoba y'abari ku isi nta kundi ni ukukirekera icibwa ry'imanza rizaba imbere y'intebe yera y'icibwa ry'imanza y'Imana. Roma, umudugudu ukomeye wo ku isi uvugwa neza mu gitabo cy'ibyahishuye mu bice 17 na 18. Ku murongo wa nyuma, dusoma ibi bikurikira: « *…kuko wasanzwemo amaraso yose y'bahanuzi n'abera n'abandi bose biciwe ku isi* ».

Ku bireba Isirayeri na Yerusalemu byo, amasezerano yose Imana yabahaye arimo gusohora: « *niyo mpamvu uzavuga uti: uku niko Uwiteka avuga: nzabateranya mbavane mu yandi moko, nzabakira mbasubize mu gihugu mwakuwemo mugatatanywa, kandi nzabaha ubutaka bw'Isirayeri* » (Ez. 11:17 ; Luka 21:24). « *Nzongera mbatere mu gihugu cyabo, kandi ntibazarandurwa ukundi mu gihugu nabahaye, niko Uwiteka avuga, Imana yawe* » (Amosi 9:9-15). Imana ihe Isirayeri umugisha, ubwoko bwayo bw'isezerano ! Amina.

*« Nzaha umugisha abazazaguha umugisha, kandi nzavuma bazakuvuma ; kandi amahanga yose yo ku isi ni wowe azaherwamo umugisha »* (Itangiriro 12:3)

Ukuri kurimo kurakataza gutera imbere kandi ukuri kuzanesha. Nimuhozwe, Umwami azakora byose neza hamwe n'abe.

Ukora atumwe n'Imana





Iyi shusho yafashwe mu kwezi kwa gatatu 2009 irerekana abasaza b'itorero, mwedata Leonard Russ na mwenedata Paul Schmidt na mwenedata Frank.

*« Abasaza b'itorero bayobora neza bakwiriye guhabwa icyubahiro gikubye kabiri, cyanecyane abakora umurimo wo kubwiriza no kwigisha »* (1Timoteyo 5:17).

Ibi byanditswe birareba rwose aba benedata bombi. Abo dufitanye ubumwe, haba ari mu gihugu cyacu cyangwa no mu bindi bihugu, bazi neza benedata Russ na Schmidt. Bamaze imyaka irenze mirongo itanu bakorera Imana mu itorero ry'akarere ry'I Krefeld dufatanije, kimwe no mu bindi bice byo mu gihugu cyacu (Ubudage) no mu bihugu byo mu Burayi bwo mu burasirazuba.

Mur'iyo myaka yose nagiriwe ubuntu bwo kubwiriza ubutumwa bw'igihe kugeza ku mpera z'isi, nashoboye gukomeza gushyigikirwa n'abo benedata bombi. Ndetse no mu mwaka wa 1979, ubwo Satani yakoreshaga imbaraga ze zose kugira ngo asenye itorero ry'akarere kimwe n'umurimo wakorwaga mu bindi bihugu byinshi, Imana yagiriye ubuntu abo basaza b'itorero bombi kugira ngo bagume gushikama no kuba abiringirwa mu mwanya Imana yabashyizemo, n'ubwo umuyaga wari mwinshi. Ndahamya ko Imana izahemba iteka ryose kwiringirwa kwabo. Kimwe nanjye, bageze mu za bukuru cyane, ni cyo gituma tubasaba, benedata na bashiki bacu bakundwa, ko mukomeza kutwibuka mu masezerano yanyu ya buri munsi.



**Mwenedata Frank arashimira Imana cyane iyi myaka 50 amaze akora umurimo w'ivugabutumwa mu isi yose ; harimo n'igihugu cya Brezil aho yagize, i Sao Paolo iteraniro rya mbere ry'abizera bari bake mu nzu muri 1971. Ubu mu midugudu ikomeye yo muri icyo gihugu, ibihumbi n'ibihumbi by'abantu bajya bateranywa no kumva ubutumwa bw'igihe. Mu kwa 12/2008, ababwiriza n'abavugabutumwa 320 bakomotse mu gihugu hose bateraniye ahitwa Goiania mu itorero rya mwenedata Joachuim da Silva, uw'Imana yahaye umugisha kandi ikamukoresha mu buryo budasanzwe. Benedata bazanywe no kubona ibisubizo by'ibibazo bya Bibilia bari bafite kandi bashaka kubona icyerekezo cy'umwuka mu Ijambo ry'Imana. Ifoto iri hasi aha yafashwe mu materaniro yaherutse tariki 19/12/2008.**

**Ubwo yabazaga ati: « ese murizera ko kugaruka kwa Yesu Kristo kwegereje ? » Yego iranguruye cyane yavugiwe rimwe n'abantu barenze ibihumbi bitatu. Abajije ati: « ese mwabatijwe mwese mu Izina rya Yesu Kristo nkuko Bibilia ibitegeka? » Iteraniro ryose ryongeye gusubiza riti « Yego », hakurikiraho « Haleluya, icyubahiro kibe icy'Imana »**

***« Ufite amatwi niyumve icyo Umwuka abwira amatorero ! »***